



Amabwiriza Agenewe Umwarimu

Igihe cya Bibiliya Ibyiciro 0, 1 na 2

Ibyigwa B
Amasomo 1 - 6

Bible Educational Services

Umuryango Uduharanira Inyungu Ubarizwa mu Bwongereza UK (No 1186004)

Icyo tugamije

Gutegurira amasomo ya Bibiliya abazayageza ku bandi berekana ukuri kwa Kristo ku rubyiruko ku isi.

Iyerekwa

Kugeza inyigisho zacu ku rubyiruko mu bihe biri imbere, mu rurimi rwabo mu guteza imbere no gushyigikira imikoranire hagati y'abafatanyabikorwa babyiyemeje.

KUMENYESHWA MURI RUSANGE

Icyo ‘Bible Educational Services’ ikora:

Bible Educational Services (BES) yandika amasomo ya Bibiliya mu cyongereza yitwa Bibletime (‘Igihe cya Bibiliya), “New Life”(Ubugingo Bushya) na “Gleaners” kandi igashyigikira mashuri ya Bibiliya mu buryo bw’itumanaho n’indi miryango ikoresha amasomo ya BES mu Bwongereza no mu bindibihugu, ikabikora mu kubasura, ku mbuga nkoranyambaga, inama n’amahugurwa. BES kandi ubu ifatanya n’amatsinda ari mu bindibihugu, ahindura, agatunganya kandi agatanga amasomo. Amasomo agomba gutangirwa ubuntu ku banyeshuri bose.

Amasomo “Igihe cya Bibiliya” yakoreshejwe bwa mbere mu gihugu cya Irlande y’Amajyepfo hashize imyaka irenga 60. Bible Educational Services ni yo itanga uburenganzira bwo gukoresha amasomo Igihe cya Bibiliya mu Cyongeleza no mu ndimi zindi zose. Amasomo Igihe cya Bibiliya ubusanze yanditswe ku mpapuro A4 bifasha abanyeshuli ahantu aha n’aha, kuba buri byumweru bine bakohereza izo mpapuro aho ishuli rya Bibiliya rikorera ngo bakosorwe. Turashimira ‘Every Home Crusade (Revival Movement) i Belfast, ko vuba aha yasohoye amasomo ku mezi atandatu mu mpapuro A5, akoreshwa mu matorero, mu mashuri ku buryo bworoheje, by’umwihariko aho imikorere y’i posita itameze neza.

Amasomo ya BES arihariye kuko yateguriwe kwigirwa mu rugo cyangwa mu itsinda (Itorero / Ishuri), agakurikira urutonde rwateguwe rutuma abanyeshuri bazakomeza kwiga kugera ku myaka 20. Hari ibyiciro bitanu by’amasomo bikurikiza imyaka y’abagize itsinda ari byo: incuke; imyaka 5-7; imyaka 8-10; imyaka 11-13; imyaka 14-16. Kuri buri tsinda ry’imyaka hari urutonde ku myaka itatu (reba urup.4). Imyaka yo kujya mu itsinda iri n’iri ishobora guhinduka hakurikijwe ubushobozi bw’umuntu. Ibikoresho bigenewe Igihe cya Bibiliya biha abana umwanya wo kwiga Ijambo ry’Imana, kwiga Inkuru za Bibiliya no guhangana n’ibibazo bibagora ku bijyanye n’Ubutumwa Bwiza mu mibereho yabo.

Amasomo yanditse wayabona mu Cyongereza urebye ku rubuga BES: www.besweb.com cyangwa ukabaza mu bunyamabanga bukur. Amasomo aboneka kandi ku mbuga nkoranyambaga mu zindi ndimi. BES ifite ibitabo bishobora kugufasha niba ushaka kuba umufatanyabikorwa wacu. Ibyo bitabo nabyo wabisanga ku rubuga nkoranyambaga.

Aho wabariza BES

UK (Northern Ireland) Office (stocklist of all English lessons)

37a Belmore Street, Enniskillen, Northern Ireland BT74 6AA

Simu: +44 286 632 2462

UK Secretary

Mr Stephen Gillham

Email: stephen.gillham@besweb.com

Web address: www.besweb.com

Email address: info@besweb.com

Aho wabariza BES mu Rwanda

Pastor: Mbanzabugabo M. Aminadab

Email: aminambanza@yahoo.fr

Phone: +250786625297

AMABWIRIZA AGENEWE ABARIMU

Mu ntangiriro, amasomo 'Igihe cya Bibiliya' yakorewe gukoreshwa mu buryo bw'i Posita y'ishuli rya Bibiliya, ariko amasomo yakomeje kwiyongera no gukoreshwa aho ubwo buryo butari, by'umwihariko mu matorero no mu mashuli yo muri Afurika, mu Buhinde n'ahandi. Amabwiriza y'abrimu yateguriwe abakoresha inyigisho 'Igihe cya Bibiliya' bo mu miterere nk'iyo. Amabwiriza y'abrimu ari muri aka gatabo agenewe gukoreshwa ku byiciro 1 na 2 by'amasomo ku bana bafite imyaka 5 – 10

Buri bwiriza ryo kwigisha rikurikiza imirongo ya Bibiliya itangwa no mu isomo 'Igihe cya Bibiliya'. Amasomo 'Igihe cya bibiliya' n'amabwiriza byagenewe gukoreshwa buri cyumweru. Amasomo yo mu kwezi kwa kane avuga ku bya Pasika naho amasomo yo mu kwezi kwa cumi na kabiri akavuga ibyerekeye Noheli.

Bamwe mu bakoresha amasomo yanditse ku mpapuro A4 buri cyumweru, abandi bagakoresha udutabo A5 turimo amasomo 24. Ubusanzwe uwigisha cyangwa umuyobozi azatanga amasomo A4 ya buri kwezi, kandi buri cyumweru isomo rizigwa mu itorero cyangwa mu ishuli, cyangwa rikorerwe mu rugo nyuma rigarurwe mu cyumweru gikurikiraho. Ku mpera z'ukwezi uwigisha cyangwa umuyobozi azakusanya amasomo maze ayakosore, yohereze vuba amasomo ku banyeshuli.

Ibyiza byaba ugukoresha udutabo, maze nyuma ya buri cyiciro, udutabo tugakusanwa maze tugakosorwa. Ariko tubona kenshi bidashoboka. Biryo rero mu ishuli udutabo dushobora kusaranganywa abanyeshuli, maze umwarimu cyangwa umufashamyumvire bagakosora amasomo mu gihe abanyeshuli bagenda batanga amanota ku mpapuro za bagenzi babo. Mu gatabo hari umwanya wagenewe amanota kuri buri somo ry'ukwezi, n'uwmwanya wo kuvuga uko umunyeshuli atera imbere. Hari kandi impamyabumenyi itangwa ku munyeshuli yerekana amanota umunyeshuli yagize kw'ijana mu gihe cy'amezi atandatu cy'amasomo.

UKO ABARIMU BATEGURA AMASOMO

Ntabwo dushaka gutanga amahame adaha umwanya abigisha ngo bakore ibintu mu buryo bwabo no mu buryo batekereza kubikoramo. Ibikurikira ni ibyo tubabwira bishobora kubafasha mu gukoresha ibikoresho by' "Igihe cya Bibiliya".

- **Kuba uzi neza inkuru:** Abigisha bagomba kuba bazi inkuru ya Bibiliya n'isomo Igihe cya Bibiliya rijyana n'iyo nkuru. Ibyiza n'uko uwigisha aba yarize iyo somo mbere. Amabwiriza kuri buri somo nayo akaba yaritonidewe mu myiteguro ifasha ayo masomo.
- **Gusobanukirwa amasomo agomba kwigwa:** ku mutwe w'integuro ya buri somo uzabona amagambo 'Turiga ko' akurikiwe n'ibizigwaho bibiri abana bazaba basobanukiwe nyuma yo kumva ibyo uwigisha yababwiye mu kwiga isomo 'Igihe cya Bibiliya'. Icyu mbere kigamijwe mu kwiga ni ugukoresha ubumenyi bw'ijo nkuru, icyu kabiri ni ugushishikariza abana gutekereza ku bumenyi bakabukoresha bashaka ibisubizo. Ibyo bitekerezwa ku kwiga ni ibivugwa neza by'ingenzi ku kuri kwigishwa mu isomo kandi abigisha bashobora kuba babikoresha mu isuzuma ryabo ku nyigisho n'ubumenyi bwatanzwe.
- **Gutangira isomo:** ku masomo yose, dutangirira aho abana bafite inararibonye zabyo. Twatanze inzira zinyuranye zishobora gukoreshwa mu gutangiza inkuru mu buryo butuma abana bagira uruhare mu kugira icyo bavuga ku ngingo itangira inkuru.
- **Kwigisha isomo:** twatanze ingingo z'ingenzi mu nkuru. Twiringira ko abigisha batazazisubiraho mu gihe batanga inkuru, ahubwo bazimenyereza inkuru kugira ngo bashobore kuyigisha mu buryo bwiza kandi bufasha. Uwigisha azashaka ko abana bumva amasomo y'ingenzi ari mu nkuru kandi abafashe gusobanukirwa icyo byabamarira kumenya iyo nkuru. Mu nshingano zacu twagerageje kubaririza ibisobanuro bimwe biri mu nkuru itanzwe. Buri gihe ibyo byanditse mu mukono **UBERAMYE**.
- **Kwiga:** Hari umurongo w'ingenzi ujyana na buri nkuru. Rimwe na rimwe haboneka imirongo ibiri, kuko twongeraho undi murongo w' ingenzi uzorohereza abana kumenya. Twiringira ko abana bashobora kwiga imirongo y' ingenzi kandi bakayibutswa buri gihe uko bishoboka kugira ngo batangire bubakire ubumenyi kuri iyo mirongo ya Bibiliya y'ingenzi.
- **Gusubiramo:** Mu miterere y'ishuri uzamenya ubushobozi bw'abana bwo kuzuza imikoro n'ibyo uwigisha agomba kugira mu kubafasha. Kuri bamwe, bizaba ngombwa ko uwigisha asoma igice cy'isomo mu gihe abana bamukurikira bityo bakamenyera ibivugwa. Abandi bana bashobora ubwabo kwisomera isomo. Ibyo ari byo byose, hari igitekerezo cyo gukangurira abana kwita ku mabwiriza runaka ajyana ku bibazo. Niba ukoresha

Igihe cya Bibiliya bitari mu buryo bw'ishuli, ni ngombwa kuba witeguye gufasha kugira ngo bitabonwa ko nta kamaro, cyangwa ko ari ukwisuzuma gusa. Bizanezeza umuntu kandi bimutere umwete ndetse byishimirwe mu gukora ikintu uwo muntu azi ko ari ingira kamaro.

- **Gusubiramo:** Uko bishoboka twatanze amahurizo, n'ibifasha kwiga, nk'uburyo bwo gusubiramo inkuru.
- **Kwereka:** Turemera ko mu miterere imwe n'imwe kwerekana bizagorana ariko aho bishoboka ni ngombwa kwerekana amashusho, kujyana ku bintu bifatika kugira ngo bifashe gusobanukirwa inkuru. Ibyerekanwa bifasha mu buryo bukomeye mu gutanga inkuru. Aho bikwiriye muri buri somo twatanze amakuru ku by'amashusho wakura ku rubuga www.freebibleimages.org (FBI). Ahandi wakura ibikoresho by'amashusho ni: Eikon Bible Art [info@eikonbibleart.com], ariko ibyo bikoresho biragurwa. Aho ushobora kubona icyuma gifotora, amwe mu mashusho ari muri Bibiliya wayafotora ukayakoresha mu kwigisha uyagize manini, uyasize amabara.

Kwigisha Umurongo w'Ingenzi

- 1) Umurongo uzandikwa ku rupapuro cyangwa ku kibaho, hagende hakurwamo amagambo amwe amwe, abanyeshuri nabo bagende basubiramo kuwusoma kugeza ubwo amagambo yose akurwamo, bagasoma batawureba.
- 2) Gutanga Umurongo w'Ingenzi ukoresha:
 - a) Uburyo bwa Hangman mu matsinda abiri – inyuguti izi n'izi – umwanya umurongo w'ingenzi utangwa izo nyuguti zikuwemo – abana bahitamo inyuguti bashaka kugeza ubwo hari umwe amenya wa murongo.
 - b) Urusobe rw'imirongo muri Bibiliya ruraboneka, maze imbaga y'abana bagashaka uwo murongo, uwubonye agasoma cyane.

Ingengabihe

- **Gahunda:** Twakomeje gahunda imwe mu mabwiriza ku kwigisha buri somo ariko bizaba iby'ubushake bw'abigisha kuba bahindura iyo gahunda igihe iki n'iki.
 1. Gutanga no kuvuga inkuru – byafata iminota 15
 2. Kwigisha umurongo w'Urufungozo – Iminota 5 -10
 3. Kuzuza urupapuro rw'umukoro – iminota 20
 4. Ibibazo n'ibindi - iminota 5 -10

Ibuka iyi mvugo ikomeye ngo:

“Mbwira ariko nshobora kwibagirwa,
Nyereka kandi nzabyibuka,
bimpemo uruhare nibwo nzabyumva”

Urutonde rw'ibyigwa by'Igihe cya Bibiliya

	ICYICIRO 0 (Incuke) ICYICIRO 1 (Imyaka 5-7) ICYICIRO 2 (Imyaka 8-10)	ICYICIRO 3 (Imyaka 11-13)	ICYICIRO 4 (Imyaka 14+)
IBYIGWA BIBANZA	Amasomo y'intangiriro (Ari gutegurwa)	Amasomo y'intangiriro (Ari gutegurwa)	Amasomo y'intangiriro (Ari gutegurwa)
IBYIGWA A	1. Iremwa 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Aburahamu 6. Aburahamu 7. Petero 8. Petero 9. Yakobo 10. Abakristo ba mbere 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli	1. Iremwa 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Petero 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Gusenga 9. Pawulo 10. Pawulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli	1. Iremwa & Kugwa 2. Ibya mbere - Itangiriro 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Petero 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Imibereho Gikristo 9. Pawulo 10. Pawulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli
IBYIGWA B	1. Ubuto bwa Kristo 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Imigani 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Abahuye na Yesu 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli	1. Imigani 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba mbere 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Abanditse Ubutumwa 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli	1. Imigani 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba mbere 6. Yakobo & umuryango we 7. Yosefu 8. Ibyak 2: 42 – Inzira imbere 9. Mose 10. Mose 11. Amategeko 12. Inkuru ya Noheli
IBYIGWA C	1. Daniyeli 2. Ibindi bitangaza 3. Abahuye na Kristo 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi na Samweli 6. Dawidi 7. Dawidi 8. Yosuwa 9. Eliya 10. Elisa 11. Yona 12. Inkuru ya Noheli	1. Daniyeli 2. Abahuye na Kristo 3. Ibindi bitangaza 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwa 9. Eliya 10. Elisa 11. Abo Imana yakoresheje mu IK 12. Inkuru ya Noheli	1. Daniyeli 2. Ibyo Yesu yavuze 3. Imbaraga z'Uwiteka 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwa 9. Eliya 10. Elisa 11. Ibindi byo mu IK 12. Inkuru ya Noheli

B1 Inkuru 1

Mariya na Yosefu mu Rusengero – lyi nkuru ivuga “Ugushimira” Imana ku bw’Umwana wayo.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Umwana Yesu yavutse ngo atubere Agakiza k’Imana. • Dushimira Imana kuba yaratanzé Umwana wayo ngo abe Umukiza wacu. <p>Umurongo w’Urufunguzo: <i>Luka 2: 30</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 2: 22 - 38</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga ibyo kwakira impano; ube ufite ibantu bibiri wateguye gutanga nk’impano, kuburyo bijyana umwana ku “Gushimira”. Baza abana kuvuga ikintu bakiriye kikabashimisha cyane. Ibande ku kamaro ko “gushimira” impano yose bakiriye, uko yaba ari nto kose. Mu nkuru ya none turabonamo abantu bashimiraga Imana ku mpano iruta izindi, ari yo Umwami Yesu.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Uyu munsi ntiwari usanzwe kuri Mariya na Yosefu. Bagombaga kujyana umwana Yesu mu Rusengero i Yerusalem gushimira Imana. (<i>Luka 2: 22 – 24</i>) • Bahageze, umusaza witwa Simeyoni arabasanganira. Yari azi iby’umugambi w’Imana wo kohereza Umukiza – ni koko yari yarahawe isezerano ritangaje ko atazapfa we ubwe atabonye Umwami Yesu. Umwuka Wera yayoboye Simeyoni guhura na Mariya na Yosefu uwo munsil! Simeyoni yari azi itandukaniro rikomeye uwo mwana azazana mu isi yose. Yari azi uko Umwami Yesu ari impano y’agaciro gakomeye. <i>Reba imbamuSimeyoni yagize mu gihe yateruraga umwana mu maboko ye maze agashimira Imana.</i> (<i>Luka 2: 25 – 35</i>) • Umukecuru witwa Ana nawe asanga Mariya na Yosefu hamwe n’umwana Yesu. Nawe ashimira Imana ku bw’Uwo. Nyuma agenda abwira uwo bahuye bose ibya Yesu. (<i>Luka 2: 36 – 38</i>) <i>Nka Ana, dushake kubwira abandi inkuru nziza yo kuvuka kwa Yesu!</i> <p><i>Ni bangache “Bashimiye” mu Rusengero? Babare maze uvuge amazina yabo.</i> <i>Ni ingezi kuri twe ko dushimira Imana ku bw’Umwami Yesu. Simeyoni yabayeho buri gihe ategereje umunsi Yesu azavukaho. Dusubize amaso inyuma maze dushimire ivuka rya Yesu no kuba yarabaye Umukiza wacu apfira ibyaha byacu ku musaraba. Shishikariza abana kumenya agaciro k’impano itangaje y’Imana ugereranije n’impano z’ibantu maze usabe buri wese gushimira Imana ubwe ku bw’Umwami Yesu no ku bwo ibyo yakoze byose ku bwacu</i></p> <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Gushimira mu Rusengero / Mariya na Yosefu mu Rusengero.</p>
KURYIGA	<p>Igisha umurongo w’urufunguzo <i>Luka 2: 30</i> kandi usobanure, aho ari ngombwa.</p> <p>Vuga ko ayo magambo agize igice cyo “Gushimira” mu isengesho rya Simeyoni. Agakiza ni icyo Umwami Yesu aduha iyo duciye ukubiri n’inzira y’icyaha cyacu.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk’uburyo bwo gusubiramo inkuru neza.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Urusengero rwari ruri he? • Kuki Mariya na Yosefu bagiyeyo hamwe na Yesu? • Ni uwuhe musaza wabasanganiye? • Ni irihe sezerano Simeyoni yari yarahawe? • Ni uwuhe mukecuru washimiye ku bwa Yesu? • Ni iki Ana yakoze amaze kubona umwana Yesu we ubwe? • Ni uruhe rugero twigira kuri Simeyoni na Ana? • Ni mu kihe gitabo cya Bibiliya dusoma ibya Simeyoni na Ana?

B1 Inkuru 2

Gukurira i Nazareti – Iyi nkuru iravuga ku mikurire y'umwana w'umuhungu Yesu.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Akiri muto, Yesu yerekanye ko ari Umwana w'Imana. • Ni ingenzi gukurikiza urugero rwa Yesu rwo kumvira. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Luka 2: 40 – (cyangwa Abefeso 6: 1)</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 2: 39 – 52</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga ibyo kuba warazimiye cyangwa waratandukanye n'ababyeyi bawe. Gute/ibyo byabereye hehe? Erekeza ikiganiro ku kuntu ababyeyi bawe bari bameze.</p> <p>Cyangwa Niba byafasha, vuga uko watembereye kure y'iwanu n'ukuntu byari biteye. Sobanura ko mu nkuru ya none Mariya na Yosefu bari bajanye Yesu mu bantu byabereye kure y'iwabo.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Yesu yajyanye n'ababyeyi be kwizihiza Umunsi mukuru wa Pasika i Yerusalem. (<i>Ku bana bakuze hari icyo bazi muri Bibiliya, murebe icyo ibyo bivuga.</i>) Ha abana igitekerezo cy'uburyo urugendo rungana (Nka kilometero 100 uvuye i Nazareti) ugereranya n'ahantu bazi kandi ubabwire ko bagendaga n'amaguru. Muvuge uko byari bimereye Yesu wari ufite imyaka 12 – imbaga y'abantu, incuti ze, amazu no kubona umwanya wo kuba mu Rusengero aho abigisha bavugaga ku Mana Se. (<i>Luka 2: 42</i>) • Nyuma y'umunsi umwe w'urugendo, Mariya na Yosefu baje kubona ko Yesu atari kumwe nabo! Reba uko biyumvise maze utekereze uko bamushakashatse mu mbaga nyamwinshi bamubuze bagasubira i Yerusalem. (<i>Luka 2: 43 – 45</i>) • Nyuma y'iminsi itatu babona Yesu mu Rusengero yicaye hagati y'abigisha. Vuga akabararo bari bafite ubigereranye n'uko bavuze. Kuba barumvise abaza ibibazo, abigisha bagatangarira uburyo azi iby'Imana. Mariya na Yosefu nabo birabatangaza! <i>Gana ku kiganiro hagati ya Mariya na Yesu maze usobanure ko n'ubwo yari umwana muto, Yesu yagombaga gukora umurimo wo mu nzu ya Se</i> (Urusengero). Mariya na Yosefu byarabagoye gusobanukirwa neza icyo Yesu yavugaga. (<i>Luka 2: 46 – 50</i>) • Nyuma y'ibyo, Yesu agarukana na Mariya na Yosefu i Nazareti. Akajya abumvira muri byose, ashimwa nabo kandi ashimwa n'Imana, Se. Bibiliya itubwira kumvira ababyeyi bacu. (<i>Abefeso 6: 1</i>) Mu gukora icyo itubwira; tuba dukurikiza urugero rwa Yesu. <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Gukurira i Nazareti.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo <i>Luka 2: 40 - (Cyangwa Abefeso 6: 1)</i> kandi usobanure aho biri ngombwa. Vuga ko uvuga inzira zinyuranye Yesu yakuzemo. Dushobora gukura muri izo nzira natwe – ahanini, Imana ishaka ko dukurira mu bantu bayikunda kandi bayikorera.</p>
KURISUBIRAMO	<p><u>Koresha nibyo/sibyo nk'umukoro kuri ibi bivuzwe.</u></p> <ul style="list-style-type: none"> • Umunsi mukuru wa Pasika waberaga i Yerusalem. • Muri iyi nkuru Yesu yari afite imyaka 10. • Mariya na Yosefu babonye Yesu nyuma y'umunsi umwe. • Yesu yari mu nzu ya bene wabo. • Mariya yabwiye Yesu ko bababaye. • Yesu yarimo gukora umurimo wa Se. • Imana ni Se w'Umwami Yesu. • Yesu yasubiranye na Mariya na Yosefu i Nazareti akajya abumvira.

B1 Inkuru 3

Yabatirijwe mu Mugezi Yorodani – Iyi nkuru ivuga Yesu abatizwa na Yohana.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Yesu atigeze akora icyaha kandi ko buri gihe ashimisha Se. • Turi abanyabyaha kandi ko dukeneye kwihana ibyaha byacu. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Luka 3: 22</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 3: 1 - 22</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga ku mbaga y'abantu bateranye – urugero basuwe n'umuyobozi, perezida, minisitiri w'intebé, umucuruzi ukomeye, umukozi wa leta. Aho buri wese ashaka kureba ibrimo kuba cyangwa kumva ibivugwa. Ibyo ntibitandukanye n'ibyo mu gihe Yohana yigishirizaga ku nkombé y'Umugezi Yorodani. Imaga y'abantu yateraniye kumva ibyavugagwa n'uwo muntu wambaye bidasanzwe wabaga mu butayu. (<i>Matayo 3: 4</i>)</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Yohana yari umuhanuzi. Ni ukuvuga ko yari afite ubutumwa bw'ingenzi buvuye ku Mana. Yabwiraga abantu ko ari abanyabyaha bakwiriye gusaba imbabazi ibibi bakoze no kubireka. (<i>Ibyo byitwa kwihana</i>) Ubundi bahitaga babatizwa bibijwe mu mazi menshi y'Umugezi Yorodani. Ibyo byerekanaga ko mu by'ukuri bashaka guhindura imyifatire yabo. (<i>Luka 3: 2,3,7</i>) <i>Niba abana barigeze kubona umubatizo Gikristo, bibutse ibyo babonye. Basobanurire ko buri wese muri twe akeneye kwihana ibibi twakoze.</i> • Abantu ntabwo bari bazi neza uwo Yohana ari we. Ese yaba ari uwo Imana yasezeranje kuzohereza? Yohana yavuze ko hari undi umurusha ubushobozi ugiye kuza nyuma ye. (<i>Luka 3: 15 na 16</i>) <i>Uwo yaba ari nde?</i> • Noneho umunsi umwe Umwami Yesu ajya mu bantu bari aho nawe arabatizwa. <i>Ni iki Yesu atari akeneye gukora mbere y'uko abatizwa? Muvuge kuba Yesu yari atandukanye na buri wese (kandi natwe) kuko atari afite icyaha kandi adakeneye kwihana.</i> Ariko Yesu yashakaga kwerekana ko ari umuntu nka twe, kandi nanone no gukora icyo Imana ivuga. Nyuma yuko Yesu abatizwa, haba ibitangaje. Imana ivugira mu Ijuru, ivuga ko yishimiye Umwana wayo kandi Umwuka Wera amuzaho ameze nk'inuma. (<i>Luka 3: 21, 22</i>) <i>Kuki Imana yishimiye cyane Umwami Yesu?</i> • <i>Ntitwagera ku kigero cyo gushimisha Imana. Ariko Imana irishima iyo mu kuri twihannye ibyaha byacu tugahitamo kubaho ku bwayo.</i> <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Kwitegura kwa Yesu / Kubatizwa mu Mugezi Yorodani.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'urufunguzo <i>Luka 3: 22 b</i> usobanure ibiri ngombwa. Baza ibibazo byoroheje urebe niba abana bumva ibivugwamo.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Bwira abana kumva ibibazo bikurikira bibabere nko gusubiramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ni hehe Yohana yigishirizaga? • Ubutumwa bwa Yohana bwaturukaga he? • Yohana yabwiye abantu “kwihana”. Ibyo bisobanura iki? • Ni iki Yohana yakoreraga abantu bamaze kwihana? • Ni gute Yohana yavugaga imimerere y'uje nyuma ye? • Ni iki Yesu yashatse ko Yohana akora? • Ni gute umubatizo wa Yesu wari utandukanye n'uwo abandi? • Ni mu buhe buryo dushobora gushimisha Imana?

B1 Inkuru 4

Yageragerejwe mu butayu – Iyi nkuru ivuga “guhakana” ku kintu kibi.

GUTANGIRA ISOMO	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> Umwami Yesu atigeze akora icyaha. Ashobora kudufasha mu gihe tugeragejwe no gukora ikibi. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Luka 4: 8</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 4: 1 – 13</i></p>
KURYIGISHA	<p>Guha abana urugero rw'ukuntu bashobora kuba barimo kugeragezwa. (reba urugero ku ntangiriro y'isomo ry'ikiciro 2). Babwire ukuntu bashobora kuva mu kigeragezo mu buryo bufatika. Uyu munsi turiga icyo Yesu yakoze ubwo yageragezwaga.</p> <ul style="list-style-type: none"> Yesu amaze kubatizwa Umwuka Wera amujyana mu butayu. <i>Muvuge ukuntu byari bimeze kuba mu butayu mu minsi 40 – hashyushye, humagaye, ari wenyine... Mushake ikigereranyo gifasha abana kumenya uko iminsi 40 ireshya.</i> (<i>Luka 4: 1-2</i>) Yesu ntiyagira icyo arya, arasonza cyane! Nta kindi yagombaga kuba ashaka atari ibiry. <i>Vuga icyo sekibi yongoreye Yesu.</i> Mbega ukuntu yari inzira yoroheje yo kubona umugati! Ariko Yesu asubiza akoresheje umurongo w'Ijambo ry'Imana uvuga ko ikigeragezo cya satani ari kibi. (<i>Luka 4: 3 – 4</i>) Satani agaruka kuri Yesu, amujyana ku musozi muremure aho yashoboraga kubona ubwami bw'isi bwose. Abwira Yesu ko niyamupfukamira akamuramya, ibyo byose bizaba ibye. Yesu aramusubiza ko byanditswe ngo “Uramye Uwiteka Imana yawe yonyine gusa.” Ku nshuro ya kabiri, Yesu akoresha amagambo ya Bibiliya yerekana ukuntu igitekerezo cya satani ari kibi. (<i>Luka 4: 5 – 8</i>) Bwa nyuma, satani ajyana Yesu ku gasongero k'Urusengero i Yerusalem. Amubwira ko niba ari Umwana w'Imana, ashobora kwijugunya hasi ntagire icyo aba. Yashukaga Yesu ngo yerekane ububasha bwe. Ariko Yesu yamenye ko ibyo nabyo ari bibi maze yongera kubwira satani akoresha amagambo ya Bibiliya. Aho noneho satani areka Yesu amusiga wenyine. (<i>Luka 4: 9 – 13</i>) Utetereza ko byatewe n'iki ngo satani amureke? Ese yari amutsinze? Ni gute Yesu yaneshewe ibigeragezo? Soza ugaragaza ko Umwami Yesu atigeze akora icyaha. <i>Yari akomeye kuruta satani.</i> Yakoresheje Ijambo ry'Imana yerekana satani ko yumvira Imana Se. niba turi ab'Umwami Yesu, azadufasha “GUHAKANA” gukora ikintu kibi. <i>Niba tuzi Ijambo ry'Imana, nk'uko Umwami Yesu yabigenje, dushobora kurikoresha ngo ridukomeze dukore ikiza.</i> <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba “FBI links in Appendix A” – Kugeragezwa mu butayu / Yesu ahura na Yohana.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo, <i>Luka 4: 8.</i> Usobanure aho biri ngombwa. Suzuma ko abana bibuka ibijyanye n'uyu murongo. Ni nde wabivuze? Byabwirwaga nde? Kuki Yesu yakoresheje ayo magambo yihariye?</p>
KURISUBIRAMO	<p>Mu mwanya w'ihurizo, hakoreshwa “gukangurira ubwonko” ku byo abana bize byose byerekeye Umwami Yesu muri B1. Umwarimu yandise ibitekerezo (bikore mu nteruro ngufi cyangwa amagambo abivuga) ku gipapuro kinini. Abana baruta abandi bashobora gutangiza uwo murimo mu matsinda mato maze bakazana raporo ku mwarimu.</p>

B2 Inkuru 1

Yesu ahindura amazi mo vino – lyi nkuru ivuga Yesu yatashye ubukwe.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Yesu yakoze iki gitangaza cya mbere kuko ari Umwana w'Imana. • Twamwumvira nk'uko abagaragu bavugwa mu nkuru babikoze. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Yohana 2: 5</i> Igice cya Bibiliya: <i>Yohana 2: 1 – 11</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga uko bigenda mu bukwe by'umuco wanyu. Reka abana babwirane ibyo babonye. Niba bishoboka werekane amwe mu mafoto. Bimera bite iyo habaye ikitagenda nk'uko byateguwe mu bukwe? Tanga urugero rumwe cyangwa ebyiri. Mu nkuru y'uyu munsi, Yesu, abigishwa be na nyina, Mariya batumiwe mu bukwe bwabereye i Kana. (<i>Yohana 2: 1 – 2</i>) Murebe uko byaje kugenda.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • <i>Vuga uko byari biri – umugen i n'umukwe bishimye, abatumirwa baganira kandi baseka, ibiryo n'ibyo kunywa biryoshye, buri wese anezerezew n'ubukwe.</i> Ariko Mariya aza kubona ko hari ikitagenda neza – ko vino yashize! <i>Umugen i n'umukwe bo biyumvaga gute?</i> Mariya yamenye icyo gukora. Yegera Yesu arabimubwira. Babwire ko Yesu ari we mutu <i>uruta abandi wo kugezaho ikibazo icyo ari cyo cyose. Dushobora kumusaba.</i> Maze arahindukira abwira abagaragu ngo “Mukore icyo ababwira cyose.” Mariya yari azi ko Yesu ashobora kubafasha. Yari afite ibyiringiro byuzuye muri We. (<i>Yohana 2: 3 - 5</i>) • <i>Vuga ko mu cyumba hari intango nini esheshatu zicukuwe mu rutare (imwe yareshyaga hafi metero) zakoreshwaga gusukwamo amazi yo guteka cyangwa kwiyuhagira ibiganza ku bantu.</i> Yesu abwira abagaragu ngo bazuzuze amazi bazisendereze ubundi ngo badahe bashyire umukuru w'imihango y'ubukwe. Tekereza uko gukora icyo kintu byari ibidasanzwe? Rwose ayo yari amazi? Ariko barumvira maze batangazwa ko atakiri amazi. Yari yahindutse vino! Kandi koko, bose bumvise ari vino NZIZA KURUTA iyo banyoye mbere. (<i>Yohana 2: 6 – 10</i>) <i>Umwami Yesu buri gihe atanga ibiruta ibindi!</i> • Vuga ko icyo cyari igitangaza. Nta wundi wari warakoze icyo Yesu yakoze. Yabikoze kuko ari Umwana w'Imana, Umuremyi w'ibintu byose. • Ni ingezi cyane kuba abagaragu barumviye Yesu. Bwira abana gutekereza uko byari kugenda iyo abagaragu batumvira. Vuga ku kibazo dufite – icyaha cyacu. Umwami Yesu afite igisubizo kuri icyo kibazo cyacu kuko yapfiriye ku musaraba ngo adukureho igihano cy'icyaha cyacu. Ariko ni mu gihe gusa twiringiye ko ashobora gukora igitangaza mu buzima bwacu maze akatubarira icyaha cyacu. <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Yesu ahindura amazi mo vino.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo <i>Yohana 2: 5</i> kandi usobanure aho biri ngombwa. Tanga ibijyanye n'inkuru. Suzuma ko abana bazi “We” uwo ari we. Abana bato ku bandi bashobora kwiga igice cya kabiri cy'uwo murongo.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ubukwe bwabereye he? • Vuga bamwe mu batumirwa muri ubwo bukwe. • Ni nde wabwiye abagaragu ngo bumvire Yesu? • Ni iki Yesu yabwiye abagaragu gukora? • Hari intango zingahe z'amazi? • Byagenze bite ku bagaragu badashye amazi mu ntango? • Ni iki buri wese yemeye ? • Kuki Yesu yakoze icyo gitangaza? • Ni ikihe kibazo dufite mu buzima bwacu? • Ni iki twakwigira kuri bariya bagaragu?

B2 Inkuru 2

Yesu akiza umwana w'umuhungu urwaye – lyi nkuru ivuga ku bubasha bwa Yesu.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Yesu afite ububasha bwo gukiza kuko ari Umwana w'lmana. • Yesu ashaka ko tumwiringira nk'uko umutware w'umwami yabikoze. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Yohana 4: 50</i> Igice cya Bibiliya: <i>Yohana 4: 46 – 54</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Subiramo inkuru y'icyumweru gishize. Ni ibiki byabaye mu bukwe? Byabereye he? Vuga ukuntu inkuru y'icyo gitangaza yamamaye hose muri Kana n'ahandi. Umutware w'umwami ubu yari yarumvise ibyo Yesu yakoze.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Nyuma y'igihe gito Yesu agaruka i Kana. Mu nkengero z'umurwa wa Kaperinawumu, umuntu ukomeye (umutware w'umwami) amenya ko Yesu ari i Kana. Uwazana Yesu akamufasha! Umuhungu we yari yarembye. Umutware w'umwami yatekerezaga ko Yesu aje iwe, byatuma umwana we akira. (<i>Yohana 4: 47</i>) <i>Ku kiciro 2 cy'abana ushobora kwerekana ikarita y'iyo mirwa ibiri.</i> • Umugaragu w'umwami akora urugendo rw'ibirometero 30 ngo ahure na Yesu. <i>Tekereza uko yiyumvaga – ananiwe, bimugoye, yashobewe...</i> Asaba Yesu kuza ngo bajjane iwe. Mu gihe amubwiye iby'umwana we, Yesu amubwira gusubirayo ko umuhungu we ari muzima. Yesu ntiyemera ko bajjana! <i>Tekereza uko yumvise amerewe kandi uvuge uko yifashe ku byo Yesu amubwiye. Yiringira Yesu ku buryo yamenye ko Yesu adakeneye gukora ibirometero 30 ngo akize umuhungu we.</i> (<i>Yohana 4: 47 – 50</i>) Vuga ko Yesu ashaka ko tugira uko kwiringira. <i>Ntabwo tumubona cyangwa twumve arangurura ijwi ariko yasezeranje mu Ijambo rye, Bibiliya, ko adukunda kandi ashaka kutubabarira.</i> • Mu gihe uwo muntu yari akiri mu nzira asubira iwe, abagaragu be baramusanganira bamubwira inkuru nziza. <i>Baza abana bahishure iyo nkuru iyo ari yo.</i> Yego! Umuhungu we yari yakize... kandi ababajije igihe ibyo byabereye, amenya ko ari cyo gihe Yesu yamubwiriye ko umwana we ari muzima. Mbega ukuntu umuryango wose wari wishimye! Buri wese yemeye ko mu by'ukuri Yesu ari uwo avuga ko ari We – Umwana w'lmana. (<i>Yohana 4: 51 – 53</i>) • Natwe dukeneye kwizera ko Yesu ari Umwana w'lmana. Ashaka ko twerekana ko tumwiringira. Bityo natwe tukishima by'ukuri. <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Yesu akiza umwana w'umuhungu.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo <i>Yohana 4: 50</i> kandi usobanure aho biri ngombwa. Ibande ku cyo kwemera umuntu ku “ijambo avuze” biri.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Umutware w'umwami yari afite ikihe kibazo? • Ni hehe yagiye kureba Yesu? • Yagombaga gukora urugendo rungana gute? • Ni iki Yesu yamubwiye gukora? • Ni bande yahuye nabo agaruka mu rugo? • Bari bamuzaniye iyihe nkuru? • Ni ryari uwo mwana yoroherewe? • Uzuzamo amagambo abura – “Umutware w'umwami ----- Yesu rwose”.

B2 Inkuru 3

Yesu na Barutimayo – lyi nkuru ivuga gukizwa k'umuntu w'impumyi waje gukurikira Yesu.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> Umwami Yesu yafashije Barutimayo afite ububasha bwo guhindura ubuzima bwe. Yesu ashaka guhindura ubuzima bwacu adukiza icyaha cyacu. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Mariko 10: 52</i> Igice cya Bibiliya: <i>Mariko 10: 46 – 52</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga ubwiza butangaje bwo kubona – kureba ukamenya amabara, ukamenya ahantu, abantu, ugasoma ibitabo, ugakina imikino, ureba TV n'ibindi. Vugana impuhwe ibyo kuba impumyi mu bantu mubana. Vuga uko mu gihe cya Yesu, ubuzima bwari bugoye cyane ku muntu w'impumyi.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> Barutimayo yari impumyi yabaga i Yeriko. Kuri we umunsi wose wasaga n'undi – yasabirizaga yicaye iruhande rw'inzira ngo ashobore kuba yaramuka. Ariko uwo munsi ntibyari ibisanzwe. <i>Vuga urusaku rw'imbaga y'abantu Barutimayo yumvise akamenya ko ari Yesu uhanyuze.</i> Ako kanya Barutimayo arashiduka! Yari yarumvise ibyo Yesu yakoze. <i>Ni iki utekereza ko yashakaga ko Yesu amukorera?</i> Barutimayo atangira gusakuza cyane, asaba Yesu ngo amubabarire. Bamwe baramurakira baramucecekesha, ariko arushaho gusakuza! (<i>Mariko 10: 46 – 48</i>) <i>Vuga uko Barutimayo yakoraga ibikwiriye kuko Yesu ari we wenyine washoboraga kumuhumura.</i> Umwami Yesu ni we wenyine ushobora kutubabarira ibyaha. Nka Barutimayo dukeneye guhura n'Umwami Yesu ngo natwe adufashe. Ageze aho Yesu arahagarara abwira umuntu ngo amuzanire Barutimayo. <i>Vuga uko yabyitabiriye.</i> Ubwo Barutimayo yiyumvaga ate? Yesu yamubajije icyo ashaka maze amusubiza ko ashaka kubona. Yesu amubwira ko yakwigendera ko kwizera kwe kumukijije. Ako kanya Barutimayo arabona! <i>Baza abana icyo ashobora kuba yarabonye iruhande rwe.</i> <i>Vuga uko yiyumvise n'uburyo yifashe akurikira Yesu mu nzira.</i> (<i>Mariko 10: 49 – 52</i>) Barutimayo ntiyari kuzibagirwa umunsi yahuriyeho na Yesu. Yesu yamukoreye igitangaza maze ubuzima bwe burahinduka! <i>Vuga ko Umwami Yesu ashaka kudukorera igitangaza kiruta icyo ahindura ubuzima bwacu akabwirukana mo icyaha.</i> <i>Iyo turusanze tukamwiringira tubona amahirwe n'umunezero nyabyo nk'uko Barutimayo yabibonye.</i> <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Yesu n'impumyi Barutimayo / Yesu n'impumyi.</p>
KURYIGA	<p>Igisha umurongo w'Urufunguzo Mark 10: 52. Vuga ko “ukwizera” kwa Barutimayo kwari ukwiringira kwe mu Mwami Yesu. Yamenye ko Yesu afite ububasha bwo kumuhumura. Yesu ashaka ko tugira ukwizera muri We. Umurongo wo gufata mu mutwe waba: Yohana 8: 12 b</p>
KURISUBIRAMO	<p>Koresha ibi bivuzwe biri byo cyangwa bitari byo nk'ihurizo.</p> <ul style="list-style-type: none"> Barutimayo yari i Kana. Yari impumyi. Ntiyashoboraga kuvuga. Hari abantu benshi baje kureba Yesu. Barutimayo yaracecetse abantu babimubwiye. Yesu yabaye nk'utamwumvise. Barutimayo arahagurukaaza kuri Yesu. Rubanda rwamubujije kuza kuri Yesu. Barutimayo yakomeje gusabiriza nyuma yo guhura na Yesu. Umwami Yesu ashobora gukora igitangaza kuri buri wese muri twe.

B2 Inkuru 4
Yesu akiza ababembe icumi – Iyi nkuru ivuga ku “Gushimira Yesu”.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">• Ababembe bumviye Yesu maze barakira.• Umwami Yesu ashaka ko tumushimira ineza atugirira. <p>Umurongo w’Urufunguzo: <i>Zaburi 107: 21</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 17: 11 – 19</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga ku gushimira. Baza abana gutekereza ku bintu bafite, bashimira buri munsi (urugero ibiryio, amazi, inzu, ubuzima, umuryango, ishuri) maze wandike urutonde rwabyo. Sobanura ko Imana ariyo iduha ibantu byose twishimira maze utangire gusenga ubishimira, wibuka abatabifite.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">• Inkuru ya none ivuga ku bantu bari baruhijwe mu buzima. <i>Vuga uko ibibembe byabagiragaho ingaruka nabi – reba intangiriro y’ikiciro 1 na 2</i>• Nyamara umunsi umwe, haba ikintu kidasanzwe. Yesu yari mu bice babagamo. Nubwo batari bemerewe kwegera abandi, ariko bashoboye kumubona bari kure kandi bamenya ko Yesu yabafasha. Bose hamwe barasakuza bamuhamagara cyane ngo “Yesu, Mutware tugirire imbabazi!” (<i>Luka 17: 11 – 13</i>)• Yesu yarabumvise arabasubiza ngo “Mugende mwiyereke abatambyi.” Sobanura ko <i>mu Mategeko havuga ko buri wese ukize ibibembe agomba kujya ku mutambyi ngo asuzume ko ari ukuri</i>. Abo bantu babona ko Yesu agomba kuba agije kubakiza maze ako kanya baragenda bumvira Yesu. Mu gihe bari mu nzira ibibembe birakira! Yesu yari abakijje. <i>Ni gute bumvise bamerewe?</i> (<i>Luka 17: 14</i>) <i>Bari bakoze ibikwiriye bumvira Yesu. Natwe dukeneye kumwumvira niba dushaka kubona imigisha yose cyangwa ibantu byose adufitiye.</i>• Abo bantu cumi bose baratangaye kubona impinduka yababayeho ariko umwe muri bo niwe watekereje “gushimira”. Ubwo yahimbazaga Imana kubera ibyabaye, ako kanya arahhindukira ajya kureba Yesu maze apfukama imbere ye. Sobanura ko <i>uko muntu yari atandukanye n’abandi kuko yari Umusamaritani udaturuka mu gihugu kimwe n’icya Yesu nk’uko abandi bari bari</i>. Yesu yashimishijwe by’umwihariko ko uwo muntu yamushimiye akamuramya yerekana ukwizera yagize amwumvira. <i>Ni gute utekereza ko Yesu yabonye abo bandi icyenda?</i> (<i>Luka 17: 15 -19</i>) <i>Ni nde utekereza ko yahiriwe kurusha abandi uwo munsi?</i>• <i>Tujye dushimira Imana (ibutsa abana ibantu byanditse kuri rwa rutonde) dushimira n’Umwami Yesu watanze ubugingo bwe kugira ngo ibyaha byacu bibabarirwe. Tera abana umwete wo gukurikiza urugero rwiza rw’uwo muntu uvugwa mu nkuru</i>
	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Yesu akiza ababembe icumi.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w’Urufunguzo Zaburi 107:21 usobanure aho biri ngombwa. Vuga amwe mu magambo yaba atari ikinyabupfura .</p>
KURISUBIRAMO	<p>Mu mwanya w’ihurizo, abana bashobora guhoma amashusho yerekana gushimira iki n’iki. Abandi bana bashobora gusiga amabara amagambo URAKOZE MANA! Yashyirwa hagati mu mashusho.</p> <p>Itsinda ry’abana bato mu bandi bashobora gushushanya amashusho 10 y’ababembe.</p> <ol style="list-style-type: none">1. Fata igipapuro kinini kizingwazingwamo ibice 102. Shushanya umuntu hagati mu gice cyo hejuru ku buryo ibiganza bye birambuye.3. Ahamukikije ucemo udupande 10 ibyo bibe urukurikirane rw’ababembe icumi.

B3 Inkuru 1

Kwigishwa na Yesu – lyi nkuru ivuga ku gufata umwanya wo kwigishwa na Yesu.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Kumva Yesu no kwigishwa na We ari ingenzi cyane. • Dukeneye kumva Yesu mu gusoma Bibiliya. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Luka 10: 42</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 10: 38 - 42</i></p>		
GUTANGIRA ISOMO	<p>Hitamo igitekerezo:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Vuga uko mama wawe yitegura abashyitsi iwanyu – ateka ibyo kurya n'ibindi. • Vuga ibirebana n'abana – aho ari ngombwa ko bumva – bakiga ubumenyi bushya, bagahabwa amabwiriza... • Mu itsinda rito mwakina "Inkuru iragenda". Umuyobozi abwira ubutumwa umuntu wa mbere nawe akabibwira uwa kabiri nawe akabibwira ukurikiraho gutyo gutyo. Uwo bigezeho bwa nyuma asubiramo ibyo yumvise. Umukino werekana akamaro ko gutega amatwi no kumva neza. Bijyane ku nkuru y'uju munsi ivuga ku muntu wamaze igihe cye ateze amatwi ngo yumve neza. 		
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Marita na Mariya bari incuti nziza za Yesu. Umunsi umwe Marita atumira Yesu n'abigishwa be ngo basangire. <i>Jyana abana gitekereza ku myiteguro agomba kuba yari arimo gukora cyangwa uvuge ku gitekerezo cya mbere kiri hejuru. Tekereza kuba abashyitsi bahageze.</i> (<i>Luka 10: 38</i>) • Marita yari agifite byinshi byo gukora! Mu gihe yari agikomeje guteka, murumuna we, Mariya yari yicaye imbere y'ibirenge bya Yesu yumva kandi yigishwa n'ibyo avuga. <i>Vuga uko Marita yiyumvaga... byenda abana bashobora kugira icyo bavuga kuri ibi! Koresha amagambo Marita yavuze.</i> (<i>Luka 10: 39 - 40</i>) • Yesu abwirana inenza Marita, avuga ko adakwiriye guhangayika ashayashiana. Sobanura ko <i>Marita yakoraga ikintu kiza kuri Yesu ashaka kumugaburira ibiryio biryoshye, ariko ko ibyo atari icyo cy'ingenzi kuruta ibindi.</i> Hari uwaramo gukora ikiruta ibindi? Yego, ni Mariya! Yesu yavuze ko Mariya yahisemo gukora ikirutaho kandi ko nta wamwambura uwo mwanya. (<i>Luka 10: 41 - 42</i>) • <i>Ni iki cy'ingenzi kurutaho Mariya yari yahisemo?</i> Mariya yatoneshejwe no kuba arimo kumva Yesu. Vuga ukuntu dushobora kumara igihe twumva Yesu mu gusoma no kwiga Bibiliya. <i>Ubwo rero tuzarushaho kumumenya no kumushimisha.</i> Hamwe n'itsinda ry'abakuru ku bandi mushobora kuganira uburyo babigira ibya mbere ku bindi byose. <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Kwigishwa na Yesu.</p>		
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo Luka 10:42 kandi usobanure aho biri ngombwa. Tsindagira ukuntu Mariya yahisemo ik'ingenzi kuruta ibindi.</p>		
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <table border="0"> <tr> <td style="vertical-align: top;"> <ul style="list-style-type: none"> • Ni he abo bakobwa babaga? • Abashyitsi bari bande? • Ni nde mukobwa wari kumwe na Yesu? • Ni nde washakaga kugaburira Yesu? • Ni nde washyashyanaga? • Kuki Marita yashyashyanaga? </td> <td style="vertical-align: top;"> <ul style="list-style-type: none"> • Ni nde Marita yijojoteraga? • Twakurikiza urugero rwa nde? • Ni gute twakumva Yesu? • Iyi nkuru iri mu kihe gitabo cya Bibiliya </td> </tr> </table>	<ul style="list-style-type: none"> • Ni he abo bakobwa babaga? • Abashyitsi bari bande? • Ni nde mukobwa wari kumwe na Yesu? • Ni nde washakaga kugaburira Yesu? • Ni nde washyashyanaga? • Kuki Marita yashyashyanaga? 	<ul style="list-style-type: none"> • Ni nde Marita yijojoteraga? • Twakurikiza urugero rwa nde? • Ni gute twakumva Yesu? • Iyi nkuru iri mu kihe gitabo cya Bibiliya
<ul style="list-style-type: none"> • Ni he abo bakobwa babaga? • Abashyitsi bari bande? • Ni nde mukobwa wari kumwe na Yesu? • Ni nde washakaga kugaburira Yesu? • Ni nde washyashyanaga? • Kuki Marita yashyashyanaga? 	<ul style="list-style-type: none"> • Ni nde Marita yijojoteraga? • Twakurikiza urugero rwa nde? • Ni gute twakumva Yesu? • Iyi nkuru iri mu kihe gitabo cya Bibiliya 		

B3 Inkuru 2
Ubuzima muri Yesu – Iyi nkuru ivuga Yesu azura umuntu wapfuye.

GUTANGIRA ISOMO	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">• Yesu yari afite ububasha bwo kuzura Lazaro.• Yesu ashobora kuduha ubugingo buhoraho iyo tumwiringiye. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Yohana 11: 25</i> Igice cya Bibiliya: <i>Yohana 11: 1 – 7, 17 – 44</i></p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">• Ku kiciro 1, Muvuge uko Imana ishyira abantu mu miryango. Vuga ku bahungu na bashiki babo. Ni iki kiza cyo kugira abavandimwe? Baza abana niba bibuka amazina y'abakobwa babiri bava indimwe b'inkuru y'ubushize maze utangire uvuga na Lazaro.• Ku kiciro 2, vuga uko mu buzima ibantu buri gihe bitagenda nk'uko twabiteguye – Hari igihe haba ibyo tutashobora kugira icyo tubikoraho. Vuga uko Umwami Yesu agenga byose igihe cyose agakora ibyiza biruta ibindi. Mu nkuru ya none Mariya na Marita bahuye n'ingorane zikomeye.
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">• Musaza wa Mariya na Marita yari arwaye cyane. Batumiye Yesu ngo aze iwabo. Bari bazi ko ashobora gukiza Lazaro. Ariko Yesu ntiyaza! <i>Ese bamerewe gute?</i> Sobanura ko n'ubwo Mariya na Marita byabagoye kubyumva, ariko Yesu yari azi ikiza kuruta cyo gukora. (<i>Yohana 11: 1 – 6</i>)• Bidatinze Lazaro arapfa maze bamuhamba azingazingiwe mu mwenda ku munwa w'imva bahakingisha igitare. <i>Rebana umutima w'impuhwe uko Mariya na Marita bari bamerewe.</i> Nyuma y'iminsi ine, Marita yumva ko Yesu yaje, maze ajya kumusanganira. Yesu amubwira ko Lazaro azazuka. <i>Koresha amagamo Yesu yavuze (umurongo 25) maze usobanure ko kuzuka bivuga ububasha bwo gukura umuntu mu bapfuye.</i> Nta wundi ufite ubwo bubasha! (<i>Yohana 11: 17 – 27</i>)• Nyuma Yesu yajyanye na Mariya na Marita aho bahambye Lazaro. Yesu ararira kubera akababaro. Ubundi asaba bamwe mu bari aho gukuraho igitare maze n'ijwi rirenga arahamagara ati, “Lazaro sohoka!” Bitangaza bose babonye Lazaro asohotse mu mva agihambiriwe mu myenda. Ubu Yesu yerekanye ko afite ubushobozi bwo kuzura Lazaro! Icyo gitangaza cya Yesu cyabafashije kumenya uko yari afite ububasha kandi ko adasanzwe. (<i>Yohana 11: 33-44</i>) <i>Vuga ku bintu byose yabigishije muri ibyo byari bibaye – Kugena igihe cye, Kubabarana n'abababara, Ubushobozi bwe, Kugenga byose kwe... Wavuga ko iyo Yesu aza kuhagera mbere y'uko Lazaro apfa, icyo gitangaza nticyari kuba gikenewe!</i>• Umwami Yesu ashobora guhangana n'umwanzi wacu ukomeye – urupfu. Afite ububasha bwo kurutsinda, nk'uko yabyerekanye azura Lazaro, kandi nk'uko nawe ubwe yazutse mu bapfuye. Niba twizeye mu Mwami Yesu, yadusezeranje kuduha ubugingo buhoraho.
KURYIGA	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Ubuzima muri Yesu.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo <i>Yohana 11:25</i> kandi usobanure aho biri ngombwa. Sobanura ko Yesu yatubwiye ikintu gikomeye kuri We ubwo yakoreshaga iri zina. Abana bafite ubumenyi busumbyeho kuri Bibiliya bashobora kongera kuvuga imvugo “Ni jye”</p> <p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none">• Ni nde wari urwaye cyane?• Hashize igihe kingana ki ngo Yesu aze?• Ni nde mukobwa wagiye gusanganira Yesu?• Ni irihe zina Yesu yiyyise ubwo yaganiraga na Marita?• Ni gute Yesu yagaragajje uko yiyyumva ari ku mva ya Lazaro?• Ni ayahe magambo yavuze?• Ni iki Yesu yagaragarije buri wese uwo munsi?• Ni gute twabona ubugingo buhoraho?

B3 Inkuru 3
Gukunda Yesu – Iyi nkuru ivuga: Mariya yerekana ko akunda Yesu

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">• Mariya yerekanye ko akunda Yesu ku byo yakoze.• Dukwiriye gukunda Yesu ku bw'urukundo yerekanye ku bwacu. <p>Umurongo w'Urufunguzo: 1 Yohana 4: 19 Igice cya Bibiliya: Yohana 12: 1 - 11</p>
GUTANGIRA ISOMO	Vuga ku by' "impano zo gushimira". Niba bikwiriye, tanga zimwe mu ngero z'impano zisanzwe mu muco wanyu kanda n'uko zigenerwa. Ibutsa abana inkuru yo mu cyumweru gishize, n'ukuntu rero Mariya, Marita na Lazaro bagombaga gushimira Yesu.
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">• Mariya, Marita na Lazaro bategura ibirori byo gushimira Yesu. <i>Genekereza werekana uko byari bimeze – inzu yuzuyemo abatumirwa, Lazaro ari muzima akomeye, Yesu ari umutumirwa mukuru, Marita agabura... (Yohana 12: 1 – 2)</i>• Mu birori, Mariya yegera Yesu, azanye icupa ryuzuyemo amavuta y'umubavu ahenze. Ararifungura, ayasuka ku birenge bya Yesu maze abihanaguza imisatsi ye. <i>Vuga ukuntu Mariya yarangariwe n'abatumirwa ubwo bahindukiraga bakareba ibibaye bumvise impumuro nziza y'amavuta. Sobanura ko Mariya yakoze ibyo ngibyo kuko yakundaga Yesu cyane – Kuri we yari uw'agaciro karuta ibindi byose. (Yohana 12: 3)</i>• Yuda, umwe mu bigishwa ba Yesu, ntiyashoboye kumva impamvu Mariya amennye ayo mavuta y'umubavu. Kuri we byari nko gusesagura! <i>Vuga amagambo yakoreshje kandi usobanure ko Yuda yari umunyabugugu n'igisambo.(isomo Ibyiciro 2) (Yohana 12: 4 – 6)</i>• Yuda na Mariya berekanye imyifatire itandukanye ku Mwami Yesu. Ntabwo Yuda yabonaga ugukomera kwa Yesu nta n'urukundo yaramufitiye mu mutima we. Ahubwo kuri Mariya, Yesu yari uw'igiciro kinshi, kandi yaramukundaga cyane. <i>Yesu yashimye ibyo yakoze. (Yohana 12: 7 – 8) Urwo rugero twarukurikiza?</i>• <i>Iyo dutekereje ukuntu Umwami Yesu yadukunze agatanga ubugingo bwe ngo adukize, yaba uw'igiciro kinshi kuri twe. Natwe twamukunda kuko yadukunze, nk'uko Mariya yabigenje. Vuga ku buryo twakwerekana urukundo rwacu kuri Yesu. Urugero tumwiringira, tumara igihe cyacu hamwe nawe mu gusenga no gusoma Ijambo ry'lmana, tumwumvira, dukunda abandi kandi tukababwira ibimwerekeye.</i>
	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Gukunda Yesu.</p>
KURYIGA	Igisha Umurongo w'Urufunguzo 1 Yohana 4:19 kandi usobanure aho biri ngombwa. Reba neza niba abana basobanukirwa na "Ibyo" na "We" uwo bivuga. Vuga ko urukundo rwacu ari ingaruka y'urukundo adukunda.
KURISUBIRAMO	Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru. <ul style="list-style-type: none">• Ibirori byabereye he?• Ni nde wari umuntu ukomeye muri byo?• Ni iki Mariya yakoze?• Kuki Mariya yakoze ibyo?• Ni iki Yuda yavuze kuri Mariya asutse amavuta y'umubavu kuri Yesu?• Kuki dukunda Umwami Yesu?

B3 Inkuru 4
Gushaka Yesu – Iyi nkuru ivuga kuri Yesu yakirwa.

GUTANGIRA ISOMO	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">• Yesu adasanzwe – ni Umwami w'Abami.• Dukeneye kwakira Umwami Yesu mu buzima bwacu. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Yohana 1: 12</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 19: 28 – 44</i></p>
KURYIGISHA	<p>Vuga uburyo abakomeye bakirwa – urugero uruzinduko rw'umwami, perezida, ibirangirire mu mikino, uwasuye ishuri. Koresha bimwe mu bigereranyo bishoboka. Gerageza kubona bimwe mu bitekerezo by'uruhare rw'imbaga y'abantu.</p> <p>Vuga ko ubu Yesu yari we ukomeye wakiriwe. Yinjiraga mu murwa Yerusalemu ku nshuro ye ya nyuma kuko bidatinze cyari igithe cyo gusohoza umugambi w'lmana wo gupfira ibyaha byacu. Imana yashakaga ko abantu bamenya ukuntu Yesu adasanzwe. Bibiliya imwita "Umwami w'Abami n'Umutware w'Abatware". Imana yari yarateguye uko Yesu azinjira muri Yerusalemue kuri uwo munsi ukomeye kugira ngo abantu babibone</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">• Yesu n'abigishwa be bageze hafi ya Yerusalemu, abwira babiri muri bo kujya mu mudugudu aho basanga icyana cy'indogobe kiziritse. Yabahaye amabwiriza yo kukizitura no kukimuzanira maze hagira ubabaza aho bakijyanye bagasubiza ko, "Umutware agikeneye." (<i>Luka 19: 28 – 31</i>)• Tekereza uko abigishwa babonye indogobe n'uko bayizaniye Yesu. Ni gute icyana cy'indogobe kifata mu gihe hari umuntu ukicayeho bwa mbere? Abigishwa bagisasaho imyenda nk'intebé maze indogobe yemera ko Yesu ayicaraho. Ibyo ntawbo bisanzwe biba, ariko ububasha bwa Yesu buri ku biremwa byose! (<i>Luka 19: 32 – 35</i>)• Yesu atangiye kuyigenderaho mu nzira, imbaga y'abantu basasa imyenda aho inyura nk'umuteguro. Ubu imbaga yamenye uwo ari We – Umwami wihiariye woherejwe n'lmana. Sobanura ko ubusanzwe umwami agendera ku ifarashi iyo agiye mu ntambara, ariko mu kugendera ku ndogobe, Yesu yerekanaga ko azanye amahoro. Abantu baririmba bavuga ngo "Hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka." (<i>Luka 19: 36 – 38</i>)• Tuvuge ko hafi aho hari abandi bantu batakundaga Yesu kandi bari bari barakariye uko yakiriwe. (<i>Luka 19: 39 – 40</i>) Yesu yari azi ko bidatinze abantu bazamuva maze akicwa.• Bwira abana ko tugomba guhitamo bikomeye ku byerekeye Umwami Yesu. Dushobora guhitamo kumwakira mu buzima bwacu cyangwa tukamwanga ntitumuhe umwanya. Imana ishaka ko dutumira Umwana wayo mu buzima bwacu. Iyo tubikoze tuba mu umuryango w'lmana.
KURYIGISHA	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Gushaka Yesu.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Igisha umurongo w'Urufunguzo Yohana 1:12 usobanure aho biri ngombwa. Sobanura ko amagambo kwakira, kwemera cyangwa kwizera yose afite igitekerezo cyo kumwakira. Reba neza ko insimburazina (We) yumvikana neza</p> <p>Koresha nibyo/sibyo ku bivuzwe bitanzwe nk'ihurizo.</p> <ul style="list-style-type: none">• Yesu n'abigishwa be binjiye muri Yerusalemu.• Yesu yohereje ku mudugudu 3 mu bigishwa be.• Yagendeye ku ndogobe.• Indogobe ntityateye amahane Yesu ayicayeho.• Abantu bategura hasi.• Buri wese yakiriye Yesu.• Yesu ni Umwami w'Abami akwiriye kwakirwa.• Mu gihe twakiriye Yesu mu buzima bwacu tuba mu bagize umuryango w'lmana.

B4 Inkuru 1
Yesu apfa – Iyi nkuru ivuga kuri Yesu adupfira.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">• Yesu yagiriwe nabi kandi ko atari akwiriye gupfa.• Umwami Yesu yapfiriye kudukiza icyaha cyacu. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Luka 23: 33</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 23:1 – 26, 32 – 43</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Gira udupapuro twanditseho ibi bikurikira: kugushwa n'incuti, kubeshyerwa, gusekwa, kugirirwa nabi. Tanga ingero z'ibyo bintu mu buzima bwa buri munsi, cyangwa abana mu matsinda mato bashobora kuvuga inarabonye yabo kuri byo, n'ukuntu baba bamerewe biramutse bibakorewe. Sobanura ko Umwami Yesu yari azi ko azagirirwa nabi. Abantu bamukoreye ibibi bararenza. Uyu munsi turabona uko kuntu yababajwe.</p>
KURYIGISHA	<p>(Niba wigisha mu ishuri bizagufasha kugira umurongo w'urukurikirane rw'ibihe aho ushyira ibyagiye biba mu gihe wigisha. Uduce tw'impapuro handitsweho amagambo nk'aya: ifunguro ryera, gusengera mu gashyamba, gufatwa n'abanzi, kubazwa na Pilato, rubanda rwarakaye, kujyanwa kubambwa, imisaraba itatu, igisambo cyababariwe tuzatuma abama bibuka uko byagiye bigenda mu buryo burambuye.)</p> <ul style="list-style-type: none">• <i>Baza abana ububitsa ukwinjira muri Yerusalem.</i> Nyuma y'iminsi mike Yesu yasangiye ifunguro rya nyuma n'abigishwa be mbere y'uko apfa. Maze ajya mu gashyamba gusenga. <i>Erekana uko byagenze – umwijima, nta kintu gikoma, nyuma humvikana intambwe z'ibirenge, Yuda yegera Yesu no gufatwa kwe. Ujjane ku kababaro Yesu agomba kuba yariyumvisemo.</i> Luka 22: 7-20, na 22: 39-53• Umunsi ukurikiyeho, Yesu ajanwa kwa Pilato, Umutegetsi. (Luka 23: 1 – 4, 20 – 25) <i>Sobanura umwanya n'ububasha bwe uganisha ku kuba nta kibi yabonye mu mibereho ya Yesu. Umwami Yesu aratunganye kandi nta cyaha kimurimo.</i> Byarangiye Pilato akoze icyo rubanda rwarakaye bashaka maze acira Yesu urwo gupfa. <i>Kuri twe bisa nko gutsindwa ariko byose byari mu mugambi w'lmana wo kudukiza!</i>• Yesu ajanwa hanze ya Yerusalem. Umuntu witwa Simoni ategekwa kwikorera igit ikinini cy'umusaraba. (Luka 23: 26) <i>Bageze ku musozi, abasirikare babamba Yesu ku musaraba.</i> Iruhande rwe ibisambo bibiri nabyo birabambwa abiri hagati. Yesu abambwe abasirikare baramuseka ndetse n'umwe mu bisambo ntiyamworohera. Undi mu bisambo amenya ko Yesu atari kimwe nabo. Yumva ko we apfuye azize ibibi yakoze ariko ko Yesu nta kibi yigeze akora. Amenya uwo Yesu ari we maze amusaba kuzamwibuka. Yesu amusezeranya ko uwo munsi bari bubane mu ijuru. (Luka 23: 32 – 43) <i>Sobanura ko nka kiriya gisambo, dukeneye kumva ko Yesu atari akwiriye gupfa. Ahubwo ko yababajwe agapfa kugira ngo atwereke urukundo rukomeye rw'lmana yishyireho igihano cy'ibyaha byacu.</i> Niba tumusabye ngo atubabarire, natwe ntitwashidikanya ko umunsi umwe tuzabana mu ijuru.
KURYIGA	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Urukundo rwa Yesu / Yesu apfa.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo Luka 23:33 kandi usobanure aho biri ngombwa, cyangwa wigishe igice cyaryo bitewe n'ubushobozi bw'abana. Sobanura iby'izina ryahawe Yesu ku musozi aho yapfiriye. Undi murongo waba 1 Petero 3: 18</p> <p>Vanga vanga za mpapuro maze ureke abana bazikurikiranye mu buryo nyabwo. Niba ukora mu itsinda rito rito ry'abana, wakwakira impapuro z'ibyo amatsinda agenda akora ku buryo abarangije mbere baba babaye itsinda ryatsinze.</p>

B4 Inkuru 2

Yesu arapfa arahambwa – lyi nkuru ivuga ku rupfu no guhambwa by'Umwami Yesu.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> Urupfu rwa Yesu rutandukanye n'urundi rupfu rwose ko yishyizeho igihano cy'ibaha byacu. Dukeneye kumushimira urwo rukundo rwe rwinshi. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>1 Abakorinto 15: 3 - 4</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 23: 44 - 56</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga ku munsi n'ijoro, uko kimwe gikurikira ikindi. Twemera ko habaho kwira! Uko niko Umuremyi yabigennye. Ariko umunsi Yesu yapfuyeho wagize itandukaniro. Ako kanya nta nteguza, hagati ku manywa, izuba rirazima haba ubwira kabiri. Bimara amasaha atatu. (<i>Luka 23: 44, 45</i>) Kuki Imana yaretse ibyo biba?</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> Bibiliya itubwira ko ayo masaha atatu Yesu yarimo guhanwa n'lmana ku bw'icyaha cyacu. <i>Baza abana kongera kureba uburyo Yesu ybabajwe mu nkuru y'icyumweru gishize. Sobanura hari uburyo twakumva gato ku mubabaro yagize ariko ko tudashobora kumva uw'igihano cy'icyaha cyacu. Ibyo Yesu yabyemeye abishaka kuko adukunda kandi ashaka gusohoza umugambi wa Se kuri twe wo kudukiza.</i> Nyuma, Yesu arasenga maze ashyla umwuka we ku Mana. (<i>Luka 23: 46</i>) Ubwo ni bwo buryo bwa Yesu bwo kuvuga ko arangije umurimo Se yamuhaye gukora. Vuga ukuntu bishimisha kuba urangije igikorwa gito, nta kindi gisigaye gukorwaho – urugero kuzuza inzu. Yesu yari arangije byose nta kindi gikenewe ngo ibyaha byacu bibababarirwe. Toza abana kumenya ko bakereneye kwemera ibyo Yesu yakoze ku bwabo. Maze Yesu arapfa. Reba uko incuti zamerewe. Incuti y'umugwaneza witwa Yosefu ajya kwa Pilato amusaba umubiri wa Yesu. Amanura ku musaraba umubiri we neza, awuzingazingira mu mwenda w'igitare awushyira mu mva. Sobanura ko imva yari nk'ubuvumo buto. Hanyuma ku muryango ahakingisha ikibuye kinini. (<i>Luka 23: 50 – 53</i>) <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Yesu apfa / Yesu arapfa, arahambwa.</p>
KURYIGA	<p>Igisha imirongo y'Urufunguzo 1 Abakorinto 15: 3 na 4 kandi usobanure aho biri ngombwa. Abana bato ku bandi bashobora kuvuga amagambo atanu ya mbere. Reba neza ko abana bazi ibyo Byanditswe maze ubasobanurire ko ibyo byose byabaye ku Mwami Yesu byari byanditse mu Isezerano rya Kera mu myaka amagana mbere yaho.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Ihurizo: Koresha nibyo/sibyo ku bivuzwe.</p> <ul style="list-style-type: none"> Umwijima utangira hagati y'umunsi. Umara amasaha ane. Muri uwo mwijima, Yesu yahawe igihano cy'icyaha cyacu. Yesu yavugishije Se mbere y'uko apfa. Incuti za Yesu zasobanukiwe n'ibyabaye byose kuri We. Yosefu yasabye umubiri wa Yesu ku basirkare. Yawuzingazingiye mu mwenda w'igitare. Ashyira uwo mubiri mu mva yakoreshejwe.

B4 Inkuru 3

Yesu arazuka – Iyi nkuru ivuga kuri Mariya amenya ko Yesu ari muzima!

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Hashize iminsi itatu apfuye Imana yazuye Yesu. • Nkuko Mariya yamenye Umwami yutzse, natwe twabimanya. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Abaroma 10: 9</i> Igice cya Bibiliya: <i>Yohana 20: 1 – 18</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Mu nkuru yacu y'ubushize twabonye Yesu apfira ku musaraba. Sobanura ko kuri twe ari inkuru nziza! Mu rupfu rwa Yesu ku musaraba, Imana yatanze uburyo ibyaha byacu bishobora kubabarirwa. Umugambi utangaje w'Imana wari usohojwe! Nyamara inshuti za Yesu zari zibabaye zamanjiriwe. Ntibashoboraga kumva ibyabaye mu buryo twebwe tubyumva ubu dufashijwe na Bibiliya. Ariko ntibagombaga gukomeza kubabara! Iyi nkuru izahorana iherezo ry'amahirwe!</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • <i>Ibutsa abana uguhambwa kwa Yesu n'ikibuye kinini bakingishije imva ye.</i> Ubu hari mu gitondo kare ku cyumweru, iminsi itatu ishize Yesu apfuye. Mariya, incuti nziza ya Yesu, ajya ku mva. Vuga uko yatunguwe abonye igitare cyahirikiwe ku ruhande, <i>imva irangaye harimo ubusa.</i> Mariya ariruka ajya kubwira Petero na Yohana ibyo yabonye. Koresha amagambo yavuze. (<i>Yohana 20: 1 – 2</i>) Bamerewe bate bumvise iyo nkuru? • Petero na Yohana batangajwe n'iyo nkuru maze bariruka bajya kureba. Yohana ahagera mbere ariko Petero aba ari we winjiramo bwa mbere! Ibyo yasanzemba nta kindi atari ibitambaro by'umwenda bari bazingazingiyemo umubiri wa Yesu. Noneho na Yohana yinjiramo. Ako kanya Yohana amenya ibyabaye. Amenya ko Yesu ari muzima! (<i>Yohana 20: 3 – 9</i>) • Nyamara Mariya byari byamuyoboye. Ahagarara mu gashyamba nyuma yuko Petero na Yohana basubilyeyo. Ararira maze yongera gusubira kureba mu mva. Ubu bwo, Mariya aratungurwa. <i>Vuga iby'abamarayika babiri n'ikiganiro bagiranye.</i> (<i>Yohana 20: 10 – 13</i>) • Mariya wenyinge, areba hirya no hino. Hari umuntu wari uhagaze mu gashyamba atari azi. <i>Vuga icyo bavuganye.</i> Ubwo uwo atazi amuhamagara mu izina ngo "Mariyal" ako kanya amenya ijwi rye. Yari Umutware we, Umwami Yesu! <i>Ni gute Mariya iyiyumvise?</i> Mariya yuzuye umunezero! Yari abonye Umwami ubwe. Ni ukuri yari muzima! Ubwa kabiri Mariya yongera kujya kureba abigishwa. <i>Ni iki yaba yarababwiye?</i> (<i>Yohana 20: 14 – 18</i>) • <i>Imana yazuye Umwami Yesu mu bapfuye.</i> Ubu ni muzima. Bibiliya ivuga ko ari muzima iteka! Ashaka kuzuza ibyishimo mu buzima bwacu nk'ibyo Mariya yagize amubonye ku mva. Toza abana kugira Umwami Yesu kuba incuti no guhabwa ibyo ashaka kubaha byose – Imbabazi ze, imbaraga n'ibyishimo. <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – Yesu azuka / Kuzuka kwa Yesu.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo, <i>Abaroma 10: 9</i> usobanure aho biri ngombwa. Sobanura ko "kwatura" ari ukubwira abandi ko wizera Yesu nk'Umwami. Uyu murongo utwigisha ko dukeneye kwizera ko Imana yazuye Yesu mu bapfuye kugira ngo dukizwe igihano cy'ibyaha byacu.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ni nde wagiye ku mva bwa mbere? • Ni gute Mariya yabonye ikibuye kimeze? • Ni kuri nde yagiye kubibwira? • Ni nde winjiye mu mva mbere? • Ni iki Yohana yakoze ubwo yabonaga nta mubiri uri mu mva? • Ni iki Mariya yabonye mu mva ubwo yari wenyinge? • Ni iki abamarayika babajije Mariya? • Ni nde wari mu gashyamba na Mariya? • Ni gute yamenye ko ari Yesu? • Ni nde wazuye Yesu?

B4 Inkuru 4

Kugenda no kugaruka kwa Yesu – lyi nkuru ivuga uko Yesu azagaruka.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> Umwami Yesu yagiye mu Ijuru akaba ari ho ari n'ubu. Dukeneye kwitegura kugaruka kwe. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Ibyakozwe 1: 11</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 24: 50 – 53, Acts 1: 4 – 12</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Vuga ku gusezera byerekana nk'umukino – urugero mwene wanyu mwabanaga akaba agije gusubira iwabo cyangwa uwo mwiganaga agije kujya ahandi. Cyangwa vuga ikintu cyabayeho uzi. Bishoboka ko hari igihe umuntu yaba yarasezeranje ko azagaruka. Iryo sezerano ritebutsa ukugenda kwe.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> Intumwa za Yesu zamaze igihe hamwe nave mu byishimo amaze kuzuka. Ubu zasobanukiwe kurushaho impamvu yapfuye. Nyuma y'ibyumweru bitandatu, ajyana abigishwa be cumi n'umwe ku Musozi wa Elayono. Abasobanurira ko igihe cye cyo gusubira mu Ijuru kigeze. Ntabwo bazasigara bonyine kuko bidatinze Umufasha ari We Umwuka Wera azaza kuri bo. Ako kanya, akibabwira ibyo Yesu abakurwaho, arazamurwa. <i>Erekana ukuntu basigaye bararamye bareba hejuru kugeza ubwo igicu kibakingirije kumureba. Wabyerekeza ku kuba Yesu azamuwe mu Ijuru. (Ku Kiciro 2) Cukumbura uburyo basigaye bameze, ese bari – bashobewe? Batangaye/ bababaye? (Ibyakozwe 1: 8 – 9)</i> Ako kanya abamarayika babiri barababonekera maze babaza abigishwa impamvu bahagaze bareba mu kirere. Maze abamarayika bababwira ko Yesu azagaruka nk'uko bamubonye agenda. <i>(Ibyakozwe 1: 10 -11)</i> Abigishwa bari bazi ko batagomba kugumaho ku musozi ahubwo ko bagomba kujya i Yerusalem kwakira Umufasha Yesu yari yabasezeranje. Ntabwo bari bababaye ahubwo bari buzye ibyishimo. <i>(Luka 24: 52) Bisani she n'ikiganiro watangiriye ho ku bantu bagenda bavuye aho bari bari. Sobanura ko bizeye ko Yesu azakomeza ijambo yababwiye.</i> Uyu munsi Umwami Yesu aracyari mu Ijuru kandi abamukunda bose bategereje kugaruka kwe. Ntabwo tuzi igihe bizabera ariko tuzi ko bizaba – Azasohoza isezerano rye... <i>Toza abana kwitegura kugaruka kwe urebe neza niba bazi uburyo kwitegura icyo ari cyo – ko ari kwiringira ko Umwami Yesu ababarira ibyaha byabo.</i> <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kugenda no kugaruka kwaYesu.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo, Ibyakozwe 1: 11 usobanure aho biri ngombwa. Ni umurongo muremure – hitamo igice cyawo cyoroheye abana bo mu itsinda ryawe; urugero utangirire kuri “Uwo Yesu...” (ku Kiciro 2) cyangwa amagambo y'abamarayika nk'uko yatanzwe mu Kiciro 1. Ibutsa abana iby'ubo murongo – ni nde wabivuze, yabibwiraga nde, ryari / hehe byavugiwe.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> Yesu ku Musozi wa Elayono yari kumwe n'abigishwa bangaye? Ni hehe Yesu yabwiye abigishwa be ko agiye? Ni iki yabasezeranje kuzahabwa? Ni iki cyamubakinkirije kumureba? Ni ubuhe butumwa abamarayika babahaye? Ni hehe abigishwa bahise bajya? Ni ryari Yesu azagaruka? Azagaruka kubwa ba nde?

B5 Inkuru 1

Umusamariya mwiza – Inkuru ivuga ugukunda mugenzi wawe.

GUTANGIRA
ISOMO

Turiga ko:

- Mugenzi w'umuntu w'ukuri ari umugaragariza ineza mu byo akeneye.
- Yesu ashaka ku tugira ineza ku bandi.

Umurongo w'Urufunguzo: *Luka 10: 27*

Igice cya Bibiliya: *Luka 10: 25 – 37*

Icyiciro 1: Reka abana bavuge kuri bagenzi babo aho batuye. Ni gute abaturanyi bafashanya? Umuyobozi ashobora kuvuga uko biteye cyangwa akandika ibitekerezo by'abana bijyanye n'abaturanyi babo, cyangwa umwana ufite igitekerezo akagitanga abandi bagafindura icyo gukora.

Icyiciro 2: Vuga ukuntu inkuru zishimishije kandi zishobora kuganirwaho ngo zumvikane. Baza abana ku nkuru bakunda zabo. Sobanura ko Yesu yabwiraga abantu inkuru kugira ngo bibafashe kumenya Imana n'uburyo bwo kubaho. Izo nkuru zitwa imigani. Umunsi umwe umuntu yavuganaga na Yesu. Yari azi ko amategeko y'lmana avuga ngo, "Ukunde Imana n'umutima wawe wose, n'ubuggingo bwave bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwave bwose. Kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." (*Luka 10: 25 – 28*) Baza abana niba bazi icyo igice cya mbere gisobanura. Uwo muntu ntiyari asobanukiwi n'icyo mugenzi we ari cyo bityo Yesu amubwira umugani ngo amufashe kubisobanukirwa.

KURYIGISHA

- Umuntu yamanukaga ava i Yerusalem alya i Yeriko. Sobanura ko yari inzira irimo akaga, imikuku n'imiyaga, kandi akenshi hakaba abajura barekereje. Erekana uko mu kanya gato wa muntu yaguwe gitumo, agakubitwa, baramwiba basiga ari intere aryamye ku nkcombe y'umuhandra. Niba mufite igihe muvuge uko nyuma byari kugenda iyo biza kuba muri iki gihe. (*Luka 10: 29 – 30*)
- Bidatinze, umuntu arahanyura, abona ibyabaye ariko ntiyagira icyo akora ngo afashe uwakomerekejwel! Mu kandi kanya hamanuka undi muntu: Abo bagenzi bombi banyura ku ruhande barigendera. Ikibabaje kurutaho n'uko abo bombi bakoraga mu Ngoro y'lmana. (*Luka 10: 31-32*)
- Uwa gatatu wahanyuze ni umunyamahanga wo mu kindi gihugu. Ku Kiciro 2 ushabora gusobanura ko yari Umusamariya kandi ko ubusanze Abasamariya n'Abayuda batumvikanaga. Ntawari gutekereza ko Umusamariya n'Umuyuda batabarana! Nyamara uwo Musamariya arahagarara. Abanza komora wa muntu, amuheka ku ndogobe ye amujyana mu icumbi amurwaza iryo joro. Garagaza ukuntu yatanze igihe cye n'amafaranga kugira ngo arebe ko uwo muntu yamererwa neza. Ibikoresho by'ibanzze mu kuvura byakwerekanwa ngo bifashe abana bato gusobanukirwa. (*Luka 10: 33 – 35*)
- Yesu arangije kuvuga iyo nkuru abaza ni nde muri abo bagenzi batatu bahanyuze uwabaye mugenzi w'uwigiriwe nabi? Baza abana uko uwamubajje yari gusubiza kandi wemeze ko uwo yasubije neza nawe. Maze Yesu amubwira kugenza gutyo. Fasha abana b'lkiciro 1 kumva ko mugenzi w'umuntu ari buri wese ugira neza ... atari uko baturanye, ingo zegeranye! Babaze gutekereza uburyo bagira ineza ku bandi mu ishuri ku kibuga.
- Abana b'lkiciro 2 bashobora gutekereza ku bintu bigoye aho bikomeye kwerekana ineza ku bantu no kuba Yesu atwigisha kugira ineza kuri buri wese, atari uko yatugirira ineza natwe. Bashobora no gutekereza ku buryo Umwami Yesu ari nk'Umusamariya Mwiza. (Umukiza, Umufasha n'Incuti)

Igisha isomo Igice cya Bibiliya.

Erekana : reba umugereka "FBI links in Appendix B" – Umusamariya mwiza.

KURYIGA

Igisha Umurongo w'Urufunguzo *Luka 10: 27* kandi usobanure aho biri ngombwa. Abana b'lkiciro 1 bashobora kwiga igice cya nyuma cy'uwo murongo.

KURISUBIRAMO

Inkuru Yesu yagiye avuga zitwa ko ari iki?	Ni nde muntu wahagaze?
Uwo muntu yajyaga he?	Ni iki yakoze?
Byamugendekeye gute?	Ni amadenariyo angahe yahaye nyir'icumbi?
Ni abantu bangahe bahanyuze ntibamufasha?	Yesu arangije inkuru ni iki yabajije wa muntu?

B5 Inkuru 2

Intama yazimiye – lyi nkuru ivuga ukuntu Umwami Yesu atwitaho cyane.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Turi nk'intama yazimiye kuko dukurikira inzira zacu aho kuba mu nzira y'lmana. • Umwami Yesu ni Umuwungeri Mwiza yaje kudushaka. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Yohana 10: 11</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 15: 1-7</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Mubivugeho – Wigeze uzimira? Byagenze gute? Byari bimeze gute? Ni nde wagutahuye? Wumvise umeze gute bakubonye? Bwira abana ko inkuru y'uju munsi ivuga ku mwungeri wabuze intama. Babaze icyo batekereza ku buryo umwungeri akoresha ngo yite ku ntama. (kuyahirira, kuyirinda, kuyitaho n'ibindi.)</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Umunsi umwe abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha baraza ngo bumve ibya Yesu. Bamwe mu bantu batangira kwivovota banenga ko Yesu yakiriye abanyabyaha. We ntiyishimira uko kwivovota maze atangira kubwira abantu inkuru. (<i>Luka 15: 1-3</i>) <i>Sobanurira abana ko Yesu ashaka ko buri wese amusanga. Uwo ari we wese n'ibibi yakoze byose ibyo ntabwo bwamububa.</i> • Ababwira inkuru y'umwungeri wari ufite intama 100. Umunsi umwe aburamo imwe. Umuwungeri asiga izindi zisigaye maze ajya gushaka ya yindi yazimiye. <i>Vuga hamwe mu hantu yaba yaragiye gushakira. Ibande ku kudacogora kwe. Ntiyaruhuka kugeza ayibonye. (Luka 15: 4)</i> <i>Bwira abana kuba Bibiliya ivuga ko turi nk'intama yazimiye. Umwami Yesu ni Umuwungeri Mwiza kandi aradushakashaka ngo atwiteho. Baza abana kwerekana uburyo Yesu yerekana ko atwitaho. Ibyo twabyandika maze tugashishikariza abana kumushimira ko atwitaho. (Reba neza niba hagaragajwe uburyo bukomeye kuruta ubundi yerekanye kutwitaho ko ari ugutanga ubugingo bwe ku bwacu.)</i> • Ubwo umwungeri yabonaga intama arishima cyane. Aterura intama ayishyira ku bitugu ayisubiza mu rugo. Ageze iwe, atumira incuti ze n'abaturanyi ngo bakore umunsi mukuru, kuko yabonye intama ye yari yarazimiye. (<i>Luka 15: 5-6</i>) <i>Bwira abana ko nk'uko uwo muntu yishimye cyane abonye intama ye yazimiye, haba ibyishimo byinshi mu ljuru mu gihe umwe muri twe yihannyi ibibi twakoze maze akiringira muri Yesu. Ku bana bakiri bato, ushobora kubasubiriramo inkuru babifitemo uruhare: mu kubara kugera kuri 99 niba babizi, ibyakozwe n'umwungeri nko kugenda, gushakashaka, kuyibona, no gukora umunsi mukuru.</i> <p>Igisha isomo Igice cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Intama yazimiye.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo <i>Yohana 10:11</i> kandi usobanure aho biri ngombwa.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Kuki abantu bamwe batishimye? • Umuwungeri yari afite intama zingahe? • Ni zingahe zazimiye? • Ni iki umwungeri yakoze abonye ko hari iyazimiye? • Ni gute yagaruye intama mu rugo? • Ni iki yakoze ageze iwe? • Ni nde umeze nk'iyo ntama? • Ni nde umeze nk'uwo mwungeri?

B5 Inkuru 3
Umwana w'ikirara – Iyi nkuru ivuga ku kubabazwa no gukora ikibi.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Imana ishaka ko dusaba imbabazi ku bibi twakoze. • Imana izatubarira buri gihe tuyisabye imbabazi. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Luka 15: 24</i> Igice cya Bibiliya: <i>Luka 15: 11-24</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Bwira abana agakuru kagaragaza igitekerezo cy'imbabazi, urugero: <i>Umunsi umwe Karabo na Hirwa barakina. Karabo atangira atera umupira wa Hirwa. Hirwa aragenda arawumwambura amukubita inkonji. Karabo atangira kurira.</i></p> <p>Muvuge – Kuki Karabo arira? Ni iki utekereza ko Hirwa yari gukora? Utekereza ko Karabo yamubabarira? Bwira abana ko inkuru y'yu munsi ivuga ku mbabazi.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Yesu ababwira undi mugani. Hari umuntu wari ufite abahungu babiri. Umuto abwira se ngo amuhe amafaranga yose y'umugabane we. Se amuha ayo mafaranga. <i>Muvuge ukuntu umuhungu na se byabamereye. (Luka 15: 11-12)</i> • Ntibyatinze, umuhungu afunga umuzigo we ajya mu rugendo. Ageze hanze, atagaguza amafaranga ye mu nzira mbi. Muri icyo gihugu hatera inzara. <i>Sobanura icyo inzara ari cyo. Vuga ukuntu yibutse uko yapfushije ubusa amafaranga ye abonye ingaruka zabyo.- ese yari amerewe ate nta kintu agifite? Uratekereza ko yari gukora iki?</i> • Uwo mwana nta kintu yari afite cyo kumufasha. Yaje kubona akazi ko kugaburira ingurube. Rimwe na rimwe yarasonzaga akifuza kurya ibiyo by'izo ngurube. <i>(Luka 15: 13-16)</i> • Umunsi umwe atangira gutekereza iwabo. <i>Fasha abana kugereranya uburyo uwo mwana yabonaga urugendo rwo kugaruka mu rugo, uko bihabanye n'uburyo yagiye ava iwabo.</i> Yarebye ko ndetse n'abagaragu iwabo bari bafite ibyo kuryabihajje. Afata icyemezo cyo kugaruka iwabo kwa se, no kumusaba imbabazi amubwira ko yamureka akaba umwe mu bagaragu be. Se amubona akiri kure agaruka, maze ariruka aramusanganira aramusoma. Biramatangaza kubona se aje kumusanganira maze umwana atangira kuvuga asaba imbabazi, ariko se amuca mu ijambo. Ahamagara abagaragu be kumuzanira ikanzu nziza, impeta n'inkweto no gutegura umunsi mukuru bizihiza ko umuhungu we yagarutse mu rugo. <i>(Luka 15: 20-24) Baza abana kuvuga uburyo se yifashe ku mwana we. (urugero: Ubuntu, imbabazi, kwishima cyane)</i> • <i>Muvuge – Ni gute mutekereza kuba umuhungu yaramerewe yagarutse mu rugo? Sobanurira abana ko turi nk'uwo mwana kuko twese twakoze ibantu bibi. Imana ni nka Se. Ashaka ko tugaruka kuri we tukamusaba imbabazi. Muvuge – Ese hari ubwo wagerageje gusaba imbabazi umuntu ariko we ntiyakumva cyangwa ngo akubabarire? Bwira abana ko Imana BURI GIHE itwumva kandi ikatubarira iyo tuyisabye imbabazi.</i> <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Umwana w'ikirara.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo Luka 15: 24 kandi usobanure aho biri ngombwa. Sobanura ko se atari azi ibyabaye ku mwana – yari nk'aho yari yarapfuye. Ariko ubu ubwo yari agarutse, yari muzima kandi ariho by'ukuri !</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Uwo muntu yari afite abahungu bangahe? • Ni iki umuto yasabye se? • Ni iki umuhungu yakoresheje amafaranga ye? • Ni akahe kazi yahawe gukora? • Ni uwuhe mwanzuro yafashe nyuma? • Ni iki se yakoze abonye umwana we aje akiri kure? • Ni iki se yahaye umwana? • Mu nkuru se w'umwana ni nka nde?

B5 Inkuru 4
Umubibyi – Inkuru ivuga uburyo twumva Ijambo ry'Imana.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">• Bibiliya ari Ijambo ry'Imana.• Imana ishaka ko tuba nk'ubutaka bwiza kandi tukizera icyo itubwira muri Bibiliya. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Mariko 4: 20</i> Igice cya Bibiliya: <i>Mariko 4: 1-20</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	Muvuge – Wigeze ugerageza guhinga? Ni iki wahnze? Ni iki imbuto ikeneye ngo imere ikure? Ese iyameze yarakuze cyangwa yarumye? Cyangwa se mu itsinda rito werekane imbuto zinyuranye cyangwa ingemwe. Sobanurira abana ko inkuru y'uju munsi ivuga ku muhinzi wagerageje kubiba ngo abone umusaruro.
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">• Abantu bensi baje kumva Yesu. Yari imbaga nyamwinshi bityo Yesu yikira mu bwato yicaramo ku nkcombe y'inyanja, mu gihe yigishaga abantu bari ku butaka. Ababwira indi nkuru. (<i>Mariko 4: 1-2</i>) <i>Muvuge – ku mpamvu buri wese yashakaga kumva inkuru za Yesu! Utekereza ko wari kujya kumva inkuru ze iyo uza kuba uraho muri icyo gihe?</i>• Hari umuhinzi wanyanyagije imbuto mu butaka. Imbuto zigenda zigwa mu butaka bunyuranye. Zimwe zigwa mu nzira maze inyonzi zirazitoragura ntizamera. Izindi zigwa ku rutare. Ntizashobora gushora imizi maze ziruma. Izindi zigwa mu mahwa maze amahwa araziniga. Izindi zigwa mu butaka bwiza. Zitanga umusaruro mwiza. (<i>Mariko 4: 3-9</i>) <i>Bwira abana ko imbuto muri iyi nkuru ari nk'Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana ni Bibiliya. Sobanura ko niba dushaka kumva Ijambo ry'Imana tugomba gusoma Bibiliya.</i>• Yesu akomeza asobanura umugani. Kuba imbuto zaraguye mu nzira inyonzi zikazirya, ni kimwe n'abantu bumva Ijambo ry'Imana, ariko Satani akaribambura. Kuba imbuto zaraguye ku rutare ni nk'uko abantu bumva Ijambo ry'Imana, bakavuga ko bakurikiye Yesu ariko bakabihindura mu gihe bahuye n'ibigeragezo by'ibihie bigoye. Kuba imbuto zaraguye mu mahwa akaziniga ni nk'uko abantu bumva Ijambo ry'Imana maze bagatekereza ku mafaranga n'ubutunzi kuruta gutekereza ku Mwami Yesu. Kuba imbuto zaraguye mu butaka bwiza ni nk'uko abantu bumva Ijambo ry'Imana, bakaryakira bagakomera baba Abakristo bakuze. (<i>Mariko 4: 13-20</i>) <i>Sobanura ko Imana ishaka ko tuba nk'ubutaka bwiza kandi tukizera ibyo ivuga mu Ijambo ryayo Bibiliya. Muvuge – ni gute twaba nk'ubutaka bwiza?</i>• Muvuge – ni uwuhe mu migani twumvise wakurutiye iyindi? Kuki ari wo wahisemo? Ni irihe somo ry'ingenzi wigiyi muri wo? <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – Umubibyi.</p> <p>Ushobora kwerekana zimwe mu mbuto urugero imbuto z'ibishyimbo, nanone ukerekana imishandiko y'ibishyimbo byo gusarura. Ibi byafasha kwerekana ingano y'umusaruro nk'uko bivugwa mu Murongo w'urufunguzo. Undi murongo wakoreshwa ku Kiciro 1 ni Zaburi 119: 42 nk'isomo ry'Igihe cya Bibiliya.</p>
KURYIGA	Igisha Umurongo w'urufunguzo Mariko 4:20 kandi usobanure aho biri ngombwa. Kugira ngo ufashe abana wakora ibikorwa urugero kubiba = kunyanyagiza, kumva = gushyira ikiganza ku gutwi, kwemera = kwikora ku mutima, gusarura = gusakuma ukoresha ibiganza. Imbare ukandika mu kirere.
KURISUBIRAMO	Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru. <ul style="list-style-type: none">• Ni he Yesu yari ari ubwo yigishaga abantu?• Umuhinzi yakoraga iki?• Ni he imbuto zabanje kugwa?• Ubutaka bwa kabiri imbuto zaguyemo ni ubuhe?• Ubutaka bwa gatatu imbuto zaguyemo ni ubuhe?• Ubutaka bwa kane imbuto zaguyemo ni ubuhe?• Ni hehe imbuto zakuze zibyara umusaruro?• Imbuto ni nk'iki?

B6 Inkuru 1
Karosi – lyi nkuru ivuga kuri Yosefu n'inzozi zitangaje.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">Ubuzima mu muryango wa Yosefu ntibwari amahirwe buri gihe.Imana yari ifite umugambi ku buzima bwa Yosefu, kandi ifite n'umugambi ku bwacu. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Itangiriro 37: 8</i> Igice cya Bibiliya: <i>Itangiriro 37: 1-11</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Yosefu yari afite abavandimwe cumi n'umwe. Bwira abana bavuge iby'abasaza babo na bashiki babo. Bafite bangahe? Bimera gute kuba umukuru /uwo hagati/ umuherererezi mu muryango? Muvuge uko biba bimeze gukurira mu muryango w'abana benshi.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">Yakobo, se wa Yosefu yabaga mu gihugu cya Kanani. Yosefu yari afite imyaka 17. Yafashaga bakuru be kuragira umukumbi wa se. Umunsi umwe ababona bakora ibibi, abibwira se. (<i>Itangiriro 37: 1-2</i>)Yakobo yakundaga Yosefu kuruta abandi bavandimwe be kuko yamubyaye mu zabukuru. Isirayeli yadodeshereje Yosefu ikanzu nziza y'amabara menshi. Abavandimwe be bayibonye bagira ishyari. Baramwanga. (<i>Itangiriro 37: 3-4</i>) <i>Muvuge ku ijambo 'ishyari' ubaza abana. Ishyari n'iiki? Hari ubwo wigeze ugira ishyari? Utekereza ko abavandimwe ba Yosefu bamugiriye ishyari kuki?</i>Yosefu ararota. Arota we n'abavandimwe be bari mu murima bahambira imiba y'umusaruro. Umuba wa Yosefu urahagarara iy'abavandimwe be iwikubita imbere.<i>Sobanurira abana ko izo nzozi zavugaga ibidasanzwe bizaba kuri Yosefu ahazaza. Baza abana icyo batekereza kuba ibisobanuro bw'izo nzozi.</i> Kubera ibyo yari yarabareze kuri se noneho abavandimwe barushaho kumwanga kubera izo nzozi. (<i>Itangiriro 37: 5-8</i>)Yosefu yongera kurota izindi nzozi zizya gusa n'izo. Ubu noneho abona izuba, ukwezi n'inyenyeri cumi n'imwe bimupfukame imbere. Ubu noneho na se biramurakaza. Ati, "Jye na nyoko n'abavandimwe bawe tuzaza tugupfukame imbere?" (<i>Itangiriro 37: 9-10</i>)Abavandimwe ba Yosefu barushaho kugira ishyari, ariko se akomeza gutekereza kuri izo nzozi. (<i>Itangiriro 37: 11</i>). <i>Baza abana icyo batekereza ko kizaba kuri Yosefu ahazaza. (Inzozi zisobanura ko umunsi umwe azaba umutware ku bavandimwe be.) Bibutse ko Imana yari ifite umugambi ku buzima bwa Yosefu uhoreye mu ntangiriro. Imana ifite umugambi ku buzima bwacu natwe.</i>
	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – Karosi.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo <i>Itangiriro 37:8</i> kandi usobanure aho biri ngombwa. Byenda igice cya mbere ku bana bakiri bato. Sobanura ko abavandimwe ba Yosefu bumvaga icyo inzozi ze zisobanura. Bamugirira ishyari baramwanga.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none">Mu nkuru Yosefu yari afite imyaka ingahe?Ni iyihe mpano Yakobo yahaye Yosefu?Kuki abavandimwe ba Yosefu bamugiriye ishyari?Ishyari ni iki?Utekereza ko bikwiriye kugira ishyari? (subiza yego cyangwa oya)Ni iki Yosefu yakoze ku nzozi ze za: mbere / kabiri ?Inzozi za Yosefu zasobanuraga iki?Ni nde wagennyne umugambi w'ubuzima bwa Yosefu uhoreye mu ntangiriro? <p>Ikindi cyakorwa, abana bashushanya ikanzu ya Yosefu. Ikanzu yashushanya ku rupapuro hakagabanywamo ibice cumi na bibiri. Bakabikatagura neza. Buri tsinda rito ry'abana rigashingwa gusiga ibara iri n'iri mu gace kamwe kayo ku rupapuro. Noneho barangije bagaterateranya twa tuce mo ikanzu yose isize amabara.</p>

B6 Inkuru 2

Umuvandimwe wanzwe – lyi nkuru ivuga kuri Yosefu agurishwa n’abavandimwe be.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">Yosefu yagurishijwe n’abavandimwe be kuba umucakara.Ntidushobora guhisha ibyaha byacu ku Mana. <p>Umurongo w’Urufunguzo: <i>Kubara 32: 23</i> Igice cya Bibiliya: <i>Itangiriro 37: 12-36</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Baza abana niba baratumwe n’ababyeyi babo gukora iki n’iki nk’uko byabaye kuri Yosefu. Ibutsa abana inkuru iherutse. Kuki abavandimwe ba Yosefu bamwangaga? Mu nkuru y’uju munsi, Yosefu abwirwa na se kujya kureba abavandimwe aho baragiye umukumbi kure y’iwabo. (<i>Itangiriro 37: 12-17</i>)</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">Abavandimwe be bamubonye atunguka. Baramwangaga ku buryo bamugiriye umugambi wo kumwica. Ngo bazarebe icyo inzozi ze zizageraho! Bari kuzabeshya se ko inyamaswa y’ishyamba yamwishe ikamurya. (<i>Itangiriro 37: 18-20</i>) Vuga uko abavandimwe be batekerezaga ko bazahisha ibyaha byabo ntihazagire ubimenya. Imana izi ibibi byose dukora.Ruben, umukuru muri bo, ababuza gukora ikintu nk’icyo. Ahubwo ababwira kujugunya Yosefu mu rwobo. Yatekerezaga kuzagaruka akamukuramo. (<i>Itangiriro 37: 21-22</i>)Yosefu abagezeho, baramufata bamwambura ya kanzu y’amabara bamujugunya mu rwobo rurimo ubusa. (<i>Itangiriro 37: 23-24</i>)Bidatinze, hanyura abantu. Bari abacuruzi bajanye ibantu muri Egiputa. Umwe mu bavandimwe Yuda, ashaka kwibonera amafaranga, aho kwica Yosefu, abwira abavandimwe kumugurisha nabo bantu. Bagurisha Yosefu ibiceri 20 by’ifeza. Yosefu ajyanwa muri Egiputa gukora nk’umucakara. (<i>Itangiriro 37: 25-28</i>) Umucakara ni iki? Utekereza ko Yosefu ubu yumvaga ameze gute?Abavandimwe bagerageje guhisha icyo bakoze. Bafata ya kanzu y’amabara ya Yosefu bayinika mu maraso y’isekurume y’ihene. Bayohereza kuri se ngo arebe niba ari iya Yosefu. Yakobo amenya ko ari ikanzu ye. Atekereza ko inyamaswa y’ishyamba yamwishe ikamurya. Yakobo arababara cyane abura icyamuhoza. (<i>Itangiriro 37: 29-35</i>)Hagati aho, Yosefu yabaga mu Egiputa. Yari yaraguzwe n’umuntu witwa Potifari waru umukuru w’ingabo zirinda umwami. (<i>Itangiriro 37: 36</i>)<i>Ibutsa abana ko n’ubwo ibantu byasaga n’ibimeze nabi kuri Yosefu, ariko Imana yari ikibigenga byose.</i>
	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Umuvandimwe wanzwe.</p>
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w’Urufunguzo Kubara 32:23 kandi usobanure aho biri ngombwa. Reba neza ko abana basobanukiwe n’icyo ‘icyaha’ ari cyo ko kigomba guhanirwa. Sobanura ko Imana iby’ibyaha bacu twese kandi ko ibyaha bigomba guhanirwa. Ibutsa abana ko Umwami Yesu yapfiriye ku musaraba kugira ngo yishyireho igihano cy’ibyaha byacu</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk’uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none">Ni iki Yakobo yabwiye Yosefu gukora mu ntangiriro z’iyi nkuru?Ni iki abavandimwe ba Yosefu bagambaniye gukora?Ni nde mu bavandimwe wababujije kumwica akababwira kumujugunya mu rwobo?Bagurishije Yosefu ifeza zingana iki?Ni iki abavandimwe bakoze ngo bahishe icyaha cyabo?Ni iki Yakobo yatekereje ko cyabaye kuri Yosefu?Ni nde warebereraga ibyabaga mu buzima bwa Yosefu byose?Ni he dusanga Umurongo w’Urufunguzo?

B6 Inkuru 3
Imfungwa yiringirwa – Iyi nkuru ivuga kuri Yosefu ari muri gereza.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none">• Yosefu yari indahemuka n'umukozi, naho yari muri gereza.• Imana yari kumwe na Yosefu kandi ntizigera idutererana ngo itureke turambarare. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>Itangiriro 39: 2</i> Igice cya Bibiliya: <i>Itangiriro 39: 1-6 na 19-23</i></p>
GUTANGIRIA ISOMO	<p>Baza abana niba barigeze kuba kure y'imiryango yabo. Byari bibamereye gute? Muri make ibutsa abana uko Yosefu yagiye kure y'umuryango we n'uburyo yaguzwe na Potifari kuba umucakara we. Reba uko Yosefu agomba kuba yarabyifashemo, ageze mu kindi gihugu kandi aguzwe nk'umucakara.</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none">• Yosefu ajyanwa muri Egiputa agurwa kuba umucakara n'umuntu witwa Potifari. Potifari yari umukuru w'ingabo zirinda umwami. Potifari yabonye ko Yosefu ari indahemuka kandi akunda gukora. Yamenye ko Imana iri kumwe na Yosefu maze amushinga iby'urugo rwe. (<i>Itangiriro 39: 1-4</i>)• Kuva igihe Potifari ashingiye Yosefu iby'urugo rwe, Imana iha umugisha urugo rwe. Potifari aramwizera ku buryo yamuuhaye gufata ibyemezo byose. (<i>Itangiriro 39: 5-6</i>) <i>Fasha abana gusobanukirwa n'umugisha, ubabwira ko ubugiraneza bw'Imana bwari ku rugo rwa Potifari kubera Yosefu. Ibutsa abana ko Imana yari kumwe na Yosefu kandi imwitaho.</i>• Umunsi umwe, umugore wa Potifari abeshyera Yosefu ikintu atigeze akora. Amabeshyera kuri Potifari. Potifari yemera ibyo umugore we. Ararakara ku buryo yajugunye Yosefu muri gereza n'ubwo nta kibi yari yakoze. (<i>Itangiriro 39: 19-20</i>) Vuga impinduka ikomeye yari ibaye mu kuva mu rugo rwa Potifari ajya muri gereza. Ese Imana yibagiwe Yosefu? Hari ubwo wigeze urenganwa? Wumvaga umeze ute?• Ariko Imana yari kumwe na Yosefu kandi imwitaho n'ubwo yari muri gereza. Yosefu akomeza kuba indahemuka n'umukozi udatezuka. Umurinzi wa gereza amushinga izindi mfungwa zose. Nubwo Yosefu yashyizwe muri gereza, Imana ibibyaza umusaruro. (<i>Itangiriro 39: 21-23</i>)• <i>Tanga incamake y'ibyiza Yosefu yerekanye muri iki gice cy'inkuru. Byari byoroshye kuri Yosefu guhindukira akava ku Mana ariko Yosefu yakomeje gushimisha Imana. Imana yateguraga Yosefu ku nshingano azagira ahazaza. Ntabwo yigeze yibagirwa Yosefu kandi ntabwo azigera amureka ngo agwe arambarare.</i>
KURYIGA	<p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p> <p>Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Umucakara mwiza / Imfungwa yizerwa.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo <i>Itangiriro 39:2a</i> kandi usobanure aho biri ngombwa. Sobanurira abana ko umugambi w'Imana kuri twe hari ubwo ubamo ibihe bigoye. Nyamara, Imana iradukunda kandi iri kumwe natwe no muri byo.</p> <p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none">• Yosefu yajyanwe mu kihe gihugu?• Ni nde waguze Yosefu?• Potifari yakoraga iki?• Kuki Potifari yashinze Yosefu ibyo mu rugo rwe?• Kuki Yosefu yashyizwe muri gereza?• Ese Yosefu hari ikibi yakoze?• Ni nde wari kumwe na Yosefu, agatuma ibyo akora byose birumbuka?• Kuki Imana yemeye ko Yosefu ashyirwa muri gereza?

B6 Inkuru 4

Umuyobozi mushya – Iyi nkuru ivuga kuri Yosefu aba umutware wa Egiputa.

	<p>Turiga ko:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Yosefu yabaye uwa kabiri mu butegetsi bw'igihugu cya Egiputa. • Imana yari yarateguye Yosefu kuri uwo murimo udasanzwe. <p>Umurongo w'Urufunguzo: <i>1Abakorinto 10: 13</i> Igice cya Bibiliya: <i>Itangiriro 41: 14-49</i></p>
GUTANGIRA ISOMO	<p>Baza abana niba barigeze gukangurwa n'inzozi zidasobanutse. Byabamereye gute? Muri iyi nkuru, Farawo, umwami wa Egiputa yaroze inzozi ebyiri atasobanukiwe. Yashatse kumenya icyo zivuga! Ni nde wari kumufasha?</p>
KURYIGISHA	<ul style="list-style-type: none"> • Farawo yashakaga kumenya iby'izo nzozi ebyiri zidasobanutse. Mu nzozi ze za mbere yarose inka ndwi zivuye mu mugezi wa Nili. Maze inka ndwi zinanutse ziraza. Inka zinanutse ziryo inka zibybushye ariko zikomeza kumanuka nk'uko zari mbere! Nyuma arota amahundo arindwi manini kandi meza n'amahundo arindwi y'imaminabe yumiranye. Ya mahundo y'imaminabe amira bunguri y'amahundo Manini. Farawo abaza abapfumu be icyo batekereza ko ari cyo ariko ntibabimanya. (<i>Itangiriro 41: 1-8</i>) • <i>Baza abana icyo batekereza ko inzozi zivuga. Imana ni yo yahaye Farawo kurota izo nzozi. Ni yo yonyine yari gutanga igisubizo.</i> Farawo ahamagaza Yosefu. Yosefu akurwa muri gereza azanwa kuri Farawo. <i>Baza abana uko ibyo byabereye Yosefu – muvuge ku itandukaniro riri hagati ya gereza n'ibwami.</i> Yabwiye Farawo ko adashobora gusobanura izo nzozi kubwe, ariko ko Imana ishobora kumusobanuria icyo inzozi zisobanura. (<i>Itangiriro 41: 14-24</i>) <i>Fasha abana kumva ukwiringira Imana kwari muri Yosefu.</i> • Imana ibwira Yosefu icyo inzozi zisobanura. Inka ndwi zibybushye n'amahundo arindwi meza bivuga ko hagiye kuba imyaka irindwi y'umusaruro mwiza. Buri wese azabona ibihagije byo kurya. Nyamara, inka ndwi zinanutse n'amahundo arindwi y'imaminabe bisobanura ko hazaba imyaka irindwi y'inzara. Inzara izayogoza igihugu ku buryo ntawe uzibuka ko habaye imyaka irindwi y'uburumbuke. (<i>Itangiriro 41: 25- 32</i>) <i>Sobanura icyo inzara ari cyo, erekeza ku bisanzwe bifatika.</i> • Yosefu abwira Farawo gushyiraho umuntu ushinzwe gukusanya ibyo kurya mu gihe cy'emyaka y'uburumbuke no kubihunika kugira ngo abaturage bazabone ibyo kurya mu gihe cy'inzara. Icyo gitekerezo gishimisha Farawo. Amenza ko Imana iri kumwe na Yosefu kandi ko yari umunyabwenge. Agira Yosefu kuba umutware w'igihugu cyose cya Egiputa. Muri Egiputa, ni Farawo gusa warutaga Yosefu. (<i>Itangiriro 41: 33-45</i>) • Mu myaka irindwi y'uburumbuke, Yosefu ajya mu gihugu cyose cya Egiputa ahunikisha ibyo kurya ateganyiriza imyaka y'inzara. Buri murwa wari ufite ubuhunikiro bw'ibiryo bizakoreshwa mu gihe cy'inzara. Ubwo inzara yateraga abantu bari bafite ibyo kurya bihagije. (<i>Itangiriro 41: 46-49</i>) <i>Ibutsa abana iby'ubuzima bwa Yosefu kugeza hano. Muvuge ko byari mu mugambi w'lmana kuri Yosefu.</i> Imana yabaye iyo kwiringirwa kuri Yosefu. <i>Bivuga ko Imana itigeze itererana Yosefu ahubwo ko buri gihe yakoraga isohoza intego zayo mu buzima bwa Yosefu.</i> Yakoreshaga ibihe bigoye byose by'ubuzima bwa Yosefu imutegura ku ruhare rukomeye yagombaga kugira. <i>Imana yakoresheje Yosefu mu gukiza inzara ubuzima bw'abantu benshi!</i> <p>Igisha isomo Igihe cya Bibiliya.</p>
Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – Umuyobozi mushya.	
KURYIGA	<p>Igisha Umurongo w'Urufunguzo 1 Abakorinto 10:13 – '<i>Imana ni iyo kwizerwa</i>' kandi usobanure aho biri ngombwa. Hamwe n'abana muvuge ku gisobanuro ku '<i>kwizerwa</i>' nk'uko byerekanwe hejuru.</p>
KURISUBIRAMO	<p>Baza abana ibibazo bikurikira nk'uburyo bwo kubasubiriramo inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Kuki Farawo yahamagaje Yosefu? • Byagenze gute ku nka mu nzozi za mbere? • Ni nde wafashije Yosefu kuvuga icyo inzozi zisobanura? • Inzozi zasobanuraga iki? • Ni uwuhe murimo udasanzwe wa Yosefu mu gihe cy'emyaka y'uburumbuke? • Ni gute Imana yabaye indahemuka kuri Yosefu?

Uburyo Abigisha batanga amanota ku Masomo

AMASOMO Y'IKICIRO 1:

- Buri cyumweru impapuro enye mu dutabo ahanini harimo gusiga amabara amagambo amwe n'utundi dukorwa tworoheje.
- Amanota 20 atangwa buri cyumweru mu kwezi akagera kuri 80.
- Abana bahabwa amasomo y'ikiciro 1 ntibyizerwa ko bashobora gusoma neza kandi twiringira ko ababyeyi / ababarera / abayobozi babo babafasha

AMASOMO Y'IKICIRO 2:

- Buri cyumweru impapuro enye mu dutabo.
- Inkuru iba iri mu isomo. Abanyeshuri bagomba guhishura mu isomo amagambo anyuranye, gusiga amabara, kuzuzamo imirongo y'urufungozo n'ibindi.
- Amanota 20 atangwa buri cyumweru mu kwezi akagera kuri 80, mu gihe amasomo yose yakosowe bikwiriye.

AMANOTA Y'IGIHE CYA BIBILIYA

GUTANGA AMANOTA

Abigisha basabwa, bwa mbere:

- Gukosora buri somo no gutanga amanota ku bisubizo nyabyo cyangwa bitari byo.
- Gutanga amanota bakurikiza amabwiriza.
- Buri gihe amanota yandikwa mu rindi bara hagashyirwa AKAMENYETSO kuri buri gisubizo nyacyo.
- Kwandikamo igisubizo nyacyo, aho ari ngombwa kwerekana ikosa, nubwo nta manota yandikwaho.
- Gutanga amanota agabaniye ku bisubizo bituzuye neza.
- Kugaragaza igiteranyo hakandikwa amanota yose y'ukwezi ku rupapuro ahabugenewe.

Ni ngombwa kuba umugwaneza no gukora byose ngo utere umwete abanyeshuri mu kwiga Bibiliya kwabo. Bizafasha, aho bishoboka buri kwezi ku wigisha ko yandika akajambo gatera umwete umunyeshuri kandi hari umwanya wabigenewe ku rupapuro rw'isomo. Hashobora kugira ikivugwa ku gusiga amabara neza, kuzuza ibibura, amanota yahawe, imyumvire y'isomo ku munyeshuri, n'ibindi.

Tugerageza kugira icyo tubivugaho mu buryo bugiye butandukanye. Ibibazo, ibivugwa, uko ubona ibantu, gutera umwete n'ibindi ibyo byose byakorwa mu buryo bugenda butandukanye. Hakenewe ibitekerezo, ariko ni ngombwa kwita ku buggingo bw'umunyeshuri. Niba buri kwezi ibivugwa cyangwa ibibazo bigenda bisubirwamo ibyo bitakaza imbaraga z'icyo byageraho.

ICYICIRO 1

Ibyavugwaho muri rusange

"Kanaka – Nshimishijwe n'uko watangiye kwiga aya masomo kandi ndizera ko bikunezeza. Nshima uko usiga amabara. Ese ujya ku ishuri? Mbwira uko bimeze. Ntegeree kongera kumva ibywae bidatinze."

"Wakoze neza, Andereya. Mbega amabara meza! Birakugora gukomeza kwandika uri ku murongo! Hari akantu wibagiwe gusiga amabara ku isomo rya nyuma."

Ibyavugwa mu by'Umwuka

"Wakoze neza, Sara we. Mbega uko Yayiro yagize amahirwe yo gufashwa na Yesu."

"Ibisubizo byiza cyane! Inkuru y'urupfu rwa Yesu irababaje, ariko ikiza cyane n'uko yazutse."

ICYICIRO 2

Ibyavugwaho muri rusange

"Nanone wasubije neza, Yohana – Sinshidikanya ko no ku ishuri mwarimu wawe yishimira ibyo ukora!"

"Karori, ndabona bidatinze uzizihiza umunsi wawe w'amavuko. Hari icyo uzakora kidasanze? Icyo wakora cyose nkifurije umunsi mwiza!"

"Waragerageje cyane. Hagiye habamo amakosa amwe. Ntukibagirwe gusubiramo buri gihe, ureba uko wasubuje."

Ibyavugwa mu by'Umwuka

"Nashimye uko wasize amabara Umwana Yesu mu kavure. Mbese si byiza ko Imana yamwohereje mu isi kubera twe?"

"Nshima rwose uko usiga amabara! Zkariya yabonye isomo ryo kutemera icyo Imana ivuze. Ntazongera gushidikanya ku Ijambo ry'Imana."

"Ibisubizo byiza cyane. Umuntu wahuye na Filipo mu butayu yagiye anezerewe cyane. Yarumvise maze yemera Inkuru Nziza ya Yesu."

Umugereka A - Iciciro 0 & 1 Amashusho muri Bibiliya

Inyito		Amashusho y'Inkuru
B1	Ubwana bwa Kristo	<p>Gushima Imana mu Rusengero https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-simeon-anna/</p> <p>Gukurira i Nazareti https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-twelve/</p> <p>Kwitegura Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-jesus-baptised/</p> <p>Yesu ahura na Yohana https://www.freebibleimages.org/illustrations/mk-john-baptist/</p> <p>Yesu n'impumyi Barutimayo https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-jesus-tempted/</p>
B2	Ibitangaza	<p>Yesu ahindura amazi vino https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-jesus-wedding/</p> <p>Yesu akiza umwana urwaye https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-020-officials-son/</p> <p>Yesu akiza ababembe icumi https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-072-ten-leprosy/</p> <p>Kwigishwa na Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-065-mary-martha/</p>
B3	Betaniya	<p>Ubuzima muri Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-lazarus/</p> <p>Gukunda Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/mary-anoints-jesus/</p> <p>Kureba Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/rg-king-jesus/</p>

Umugereka B - Ikiciro 0 & 1 Amashusho muri Bibiliya

	Inyito	Amashusho y'Inkuru
B4	Umusaraba	<p>Urukundo rwa Yesu/Yesu arapfa</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-objects/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-easter/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-pontius-pilate/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-jesus-arrested/</p> <p>Yesu arapfa/Yesu arapfa kandi arahambwa</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-easter/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-jesus-dies/</p> <p>Yesu arazuka</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-jesus-alive-2/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-jesus-alive/</p> <p>Kugenda no kugaruka kwa Yesu</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-ascension/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-jesus-alive/</p>
B5	Imigani	<p>Umusamariya mwiza</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-good-samaritan/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/rr-good-samaritan/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-men2/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-men1/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-animals/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-objects/</p> <p>Intama yazimiye</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-lost-sheep/</p> <p>Umwana w'ikirara</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/rg-prodigal-son/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/prodigal-son-preschool/</p> <p>Umubibyi</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-parable-sower/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/parable-sower-preschool/</p>
B6	Yosefu	<p>Karosi</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-joseph-dreamer/</p> <p>Umuvandimwe wanzwe</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-joseph-dreamer/</p> <p>Umucakara mwiza</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-joseph-prison/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-kings-queens/</p> <p>Umuyobozzi mushya</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-joseph-prison/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/preschool-joseph-brothers/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-kings-queens/</p>

Umugereka A - Iciciro 2 Amashusho muri Bibiliya

	Inyito	Amashusho y'Inkuru
B1	Ubwana bwa Kristo	<p>Mariya na Yosefu mu rusengero https://www.freebibleimages.org/illustrations/simeon-anna/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-010-simeon-anna/</p> <p>Yakuriye i Nazareti https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-twelve/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-011-jesus-found/</p> <p>Yabatirijwe muri Yorodani https://www.freebibleimages.org/illustrations/john-baptist-jesus/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-013-jesus-baptism/</p> <p>Yageragerejwe mu butayu https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-014-jesus-temptation/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-jesus-tempted/</p>
B2	Ibitangaza	<p>Yesu ahindura amazi vino https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-016-wedding-cana/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-wedding/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/wedding-cana/</p> <p>Yesu akiza umwana urwaye https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-020-officials-son/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-centurion/</p> <p>Yesu n'umuntu w'impumyi https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-blind-man/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-blindman-jericho/</p> <p>Yesu akiza ababembe icumi https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-072-ten-leprosy/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/hm-ten-leprosy/</p>
B3	Betaniya	<p>Kwigishwa na Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-065-mary-martha/</p> <p>Ubuzima muri Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-lazarus/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-070-lazarus-dies/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-071-lazarus-resurrection/</p> <p>Gukunda Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/mary-anoints-jesus/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-070-lazarus-dies/</p> <p>Kureba Yesu https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-jerusalem/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-078-triumphant-entry/</p>

Umugereka B - Ikiciro 2 Amashusho muri Bibiliya

	Inyito	Amashusho y'Inkuru
B4	Umusaraba	<p>Yesu arapfa</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-087-last-supper/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-089-prayer-garden/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-092-jesus-pilate/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-094-pilate/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-095-jesus-led/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-096-jesus-crucifixion/</p> <p>Yesu arapfa kandi arahambwa</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-099-jesus-burial/</p> <p>Yesu arazuka</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-101-jesus-resurrection/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-102-appearance-mary/</p> <p>Kugenda no kugaruka kwa Yesu</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-107-jesus-ascension/</p>
B5	Imigani	<p>Umusamariya mwiza</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/rr-good-samaritan/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/good-samaritan/#</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-good-samaritan/</p> <p>Intama yazimiye</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/lost-sheep/</p> <p>Umwana w'ikirara</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-067-prodigal-son/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/hm-prodigal-son/</p> <p>Umubibyi</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-049-parable-sower/</p>
B6	Yosefu	<p>Karosi</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/yooseef-dreams/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/josephs-dreams/</p> <p>Umuvandimwe wanzwe</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-pit/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-prison/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-slave/</p> <p>Imfungwa yiringirwa</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-prison/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-prison-dreams/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-potiphar/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-baker-cupbearer/</p> <p>Umuyobozi mushya</p> <p>https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-ruler/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/pharaoh-dreams/</p> <p>https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-brothers/</p>



© Bible Educational Services 2020

www.besweb.com

Registered Charity UK CIO 1186004

RW - 09/2023